ISSN: 2307-2431

Rwanda Governance Board

CITIZEN REPORT CARD

# CRC 2025

# ISHUSHO Y'UKO ABATURAGE BABONA IMIYOBORERE N'IMITANGIRE YA SERIVISI MU NZEGO ZIBEGEREYE











KAMENA 2025


CRC

RGB
Rwanda Governance Board

# Citizen Report Card

# 2025

**Ishusho y'uko abaturage babona Imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye**

**Kamena 2025**



www.rgb.rw | info@rgb.rw | @GovernanceRw | Rwanda Governance Board - RGB

RGB Rwanda | P.O. Box 6819 Kigali

**© Rwanda Governance Board**

Kamena 2025



# Ijambo ry'Ibanze

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) runejejwe no kubagezaho ubushakashatsi bw'umwaka wa 2025 ku "Ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC)". Ubu bushakashatsi bukorerwa mu turere twose tugize u Rwanda, ubu bukaba bukozwe ku nshuro ya cumi na kane.

CRC ni ubushakashatsi bukorwa mu rwego rwo gushimangira amahame y'imiyoborere myiza arimo gukorera mu mucyo, gusobanurira abaturage ibibakorerwa ndetse no kwimakaza imiyoborere n'imitangire ya serivisi bishingiye ku muturage. Ubu bushakashatsi kandi buha abaturage urubuga rwo kugira uruhare mu gusuzuma imikorere y'inzego zegerejwe abaturage kuko 10% y'amanota y'imihigo y'uturere aturuka muri ubu bushakashatsi.

Kimwe n'izindi zayibanjirije, CRC 2025 yakozwe ku byiciro 16 bikubiye mu nkingi eshatu za Guverinoma ari zo Ubukungu, Imibereho myiza y'abaturage n'Imiyoborere. Ibyavuye muri ubu bushakashatsi bigaragaza ko inkingi y'imiyoborere iri ku gipimo cya 85.8%, inkingi y'imibereho myiza ikaba ku gipimo cya 74.4% mu gihe inkingi y'ubukungu iri ku gipimo cya 71.0%.

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere rurashimira abagize uruhare muri ubu bushakashatsi barimo abaturage, abakozi barwo, inzego za Leta n'abandi bafatanyabikorwa. Turabizeza ubufatanye mu gukomeza kwimakaza amahame y'imiyoborere agamije iterambere rishingiye ku muturage n'imitangire ya serivisi inoze.

**Dr. Doris UWICYEZA PICARD**
Umukuru w'Urwego

# Amashakiro

Ijambo ry'Ibanze ---------- 5
1. Incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi ---------- 17
2. Ingengamikorere y'ubushakashatsi ---------- 27
3. Ibiranga ababajijwe muri ubu ubushakashatsi ---------- 31

1.-- INKINGI Y' UBUKUNGU ---------- 36

1.1. UBUHINZI ---------- 37
1.1.1. Intangiriro ---------- 38
1.1.2. Serivisi z'ubuhinzi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali ---------- 40
1.1.3 Aho abaturage bakura amakuru yerekeranye n'ubuhinzi ---------- 41
1.1.4 Uko abaturage babona serivisi zitandukanye zo mu buhinzi ---------- 41
1.1.5 Uko abaturage babona imikorere y'abatanga serivisi z'ubuhinzi ---------- 42
1.1.6. Inzitizi abaturage bagaragaje muri serivisi z'ubuhinzi ---------- 43
1.1.7. IBYIFUZONAMA ---------- 44

1.2. UBWOROZI ---------- 46
1.2.1. Intangiriro ---------- 47
1.2.2. Serivisi z'ubworozi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali ---------- 50
1.2.3. Uburyo abaturage bakoresha mu kubangurira amatungo ---------- 51
1.2.4. Uko abaturage babona serivisi zitandukanye z'ubworozi ---------- 51
1.2.5. Uko abagabo n'abagore bashima serivisi zo mu bworozi ---------- 52
1.2.6 Uko abaturage babona imikorere y'abatanga serivisi z'ubworozi ---------- 52
1.2.7. Inzitizi zigaragara muri serivisi z'ubworozi ---------- 53
1.2.8. IBYIFUZONAMA ---------- 53

1.3. IBIKORWAREMEZO ---------- 55
1.3.1. Intangiriro ---------- 56
1.3.2. Uko abaturage bashima ibikorwaremezo hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali ---------- 57
1.3.3. Uko abaturage babona serivisi z'amazi ---------- 58
1.3.4. Serivisi z'amashanyarazi ---------- 60
1.3.5. Imihanda n'amateme ---------- 61
1.3.6. Inzitizi zagaragajwe n'abaturage mu bikorwaremezo ---------- 62
1.3.7. IBYIFUZONAMA ---------- 62

1.4. IKORANABUHANGA N'ITUMANAHO ---------- 64
1.4.1. Intangiriro ---------- 65
1.4.2. Ikoranabuhanga n'itumanaho hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali ---------- 66
1.4.3. Imibonekere ya rezo y'imwe mu miyoboro y'ikoranabuhanga n'itumanaho ikoreshwa mu gutanga serivisi ---------- 67
1.4.4. Urubuga rw'Irembo ---------- 68
1.4.4.1. Uburyo abaturage bakoresha serivisi z'Irembo ---------- 68
1.4.4.2. Uko abaturage babona serivisi z'Irembo ---------- 69
1.4.5. Imikorere y'ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikiregο mu rwego rw'Ubutabera ---------- 70
1.4.6. Imikorere yo kwishyura no guhererekanya amafaranga hifashishijwe telefoni ---------- 70

1.4.7. Inzitizi mu ikoranabuhanga n'itumanaho ---------- 71
1.4.8. IBYIFUZONAMA ---------- 71

1.5. UBUTAKA, IMITURIRE N'IBIDUKIKIJE ---------- 73
1.5.1. Intangiriro ---------- 74
1.5.2. Serivisi z'ubutaka, imiturire n'ibidukikije hakurikijwe intara n'Umujyi wa Kigali ---------- 75
1.5.3. Serivisi z'ubutaka n'imiturire zakoreweho ubushakashatsi ---------- 76
1.5.4. Uko abaturage babona ibikorwa bibungabunga ibidukikije ---------- 76
1.5.5. Inzitizi zagaragajwe muri serivisi z'ubutaka, imiturire n'ibidukikije ---------- 77
1.5.6. IBYIFUZONAMA ---------- 77

1.6. URWEGO RW' ABIKORERA ---------- 79
1.6.1. Intangiriro ---------- 80
1.6.2. Serivisi z'urwego rw'abikorera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali ---------- 81
1.6.3. Uko abaturage babona serivisi z'abikorera ---------- 82
1.6.4. Gukorana n'ibigo by'imari ---------- 82
1.6.5. Uburyo abaturage bakoresha mu kwizigamira ---------- 83
1.6.6. Serivisi z'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse ---------- 84
1.6.7. Imikorere y'amakoperative ---------- 84
1.6.8. IBYIFUZONAMA ---------- 85

2. INKINGI YO KWITA KU MIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE ---------- 87

2.1. UBUREZI ---------- 88
2.1.1 Intangiriro ---------- 89
2.1.2. Serivisi z'uburezi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali ---------- 90
2.1.3. Ibikorwaremezo na zimwe muri gahunda na serivisi zo mu rwego rw'uburezi ---------- 91
2.1.4. Inzitizi zibangamira urwego rw'uburezi ---------- 93
2.1.5. IBYIFUZONAMA ---------- 94

2.2. UBUZIMA ---------- 96
2.2.1. Intangiriro ---------- 97
2.2.2. Serivisi z'ubuzima ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali ---------- 98
2.2.3. Uko abaturage babona serivisi z'ubuzima zitandukanye ---------- 99
2.2.4. Uko abaturage babona imikorere y'amavuriro ---------- 100
2.2.5. IBYIFUZONAMA ---------- 101

2.3. ISUKU ---------- 103
2.3.1. Intangiriro ---------- 104
2.3.2. Uko abaturage bashima isuku hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali ---------- 105
2.3.3. Uko abaturage babona isuku ahantu hatandukanye ---------- 106
2.3.4 Bimwe mu byo abaturage babona bitera umwanda ---------- 106
2.3.5. IBYIFUZONAMA ---------- 107

2.4. GAHUNDA ZO KUZAMURA IMIBEREHO NO KWITA KU BATISHOBOYE----109
2.4.1. Intangiriro----110
2.4.2. Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali----111
2.4.3. Ishyirwa mu bikorwa ry'ubufasha bugenerwa abatishoboye----112
2.4.4. Zimwe mu nzitizi zagaragajwe zibangamira gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye----113
2.4.5. IBYIFUZONAMA----114

2.5. IMIBEREHO Y'UMURYANGO NYARWANDA----116
2.5.1. Intangiriro----117
2.5.2. Imibereho y'umuryango hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali----118
2.5.3. Gahunda zitandukanye mu mibereho y'umuryango nyarwanda----119
2.5.4. Bimwe mu bibazo bibangamiye umuryango----120
2.5.5. Uko abaturage babona ihohoterwa rikorerwa ibyiciro bitandukanye by'abagize umuryango----121
2.5.6. Impamvu zitera ibibazo byo mu muryango----121
2.5.7 IBYIFUZONAMA----122

3. INKINGI Y'IMIYOBORERE----124

3.1. INZEGO Z'IBANZE----125
3.1.1. Intangiriro----126
3.1.2. Imikorere y'inzego z'ibanze hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali----127
3.1.3. Imikorere y'inzego z'ibanze----128
3.1.4. Imikorere ya bamwe mu bakozi b' inzego z'ibanze----128
3.1.5. Zimwe muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze----129
3.1.6. Inzitizi zigaragara muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze----129
3.1.7. IBYIFUZONAMA----130

3.2. UBUTABERA----132
3.2.1. Intangiriro----133
3.2.2. Serivisi z'ubutabera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali.----134
3.2.3. Imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego z'ubutabera----135
3.2.4. Imikorere ya Komite z'Abunzi----135
3.2.5. Serivisi za MAJ----135
3.2.6. Imikorere ya RIB----136
3.2.7. Ruswa mu nzego na serivisi zitandukanye----137
3.2.8. Akarengane mu nzego na serivisi zitandukanye----138
3.2.9. Imikorere y'inzego mu kurwanya ruswa n'akarengane----138
3.2.10. IBYIFUZONAMA----139

3.3. IYUBAHIRIZWA RY'AMAHAME Y'IMIYOBORERE N'ICYIZERE KU NZEGO Z'UBUYOBOZI----141
3.3.1. Intangiriro----142
3.3.2. Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali----143
3.3.3. Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere----144
3.3.4. Icyizere abaturage bafitiye inzego z'ubuyobozi----144

3.3.5. Uko abaturage babona ubwigenge bwa zimwe mu nzego ----------145
3.3.6. Imikorere ya zimwe mu nzego mu guteza imbere imiyoborere myiza ----------145
3.3.7. Ishyirwamubikorwa rya gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" ----------146
3.3.8. Uburyo bwo kubona amakuru. ----------148
3.3.9. IBYIFUZONAMA ----------148

3.4. UMUTEKANO ----------150
3.4.1. Intangiriro ----------151
3.4.2. Uko abaturage bashima umutekano hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali----------152
3.4.3. Icyizere abaturage bafitiye zimwe mu nzego z'umutekano ----------153
3.4.4. Uko abaturage babona umutekano rusange w'Igihugu, umutekano w'abantu n'ibintu ----------155
3.4.5. Ibibangamira umutekano w'abantu n'ibintu ----------155
3.4.6. IBYIFUZONAMA----------156

3.5. URUHARE RW'ABATURAGE MU BIBAKORERWA ----------158
3.5.1. Intangiriro ----------159
3.5.2. Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali.----------160
3.5.3. Uruhare rw'abaturage muri gahunda zitandukanye ----------161
3.5.4. IBYIFUZONAMA----------163

4. Umwanzuro----------165

# Urutonde rw'Amakarita


Ikarita 1: Uko abaturage bashima imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe uturere ---------- 20
Ikarita 2: Imidugudu yakorewemo ubushakashatsi---------- 29
Ikarita 3: Uko abaturage bashima serivisi bahabwa mu buhinzi hakurikijwe uturere---------- 40
Ikarita 4: Uko abaturage bashima serivisi z'ubworozi muri rusange hakurikijwe uturere---------- 50
Ikarita 5: Uko abaturage bashima serivisi bahabwa mu bikorwaremezo hakurikijwe uturere ---------- 57
Ikarita 6: Uko abaturage bashima serivisi bahabwa mu Ikoranabuhanga n'Itumanaho hakurikijwe uturere ---------- 66
Ikarita 7: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutaka, imiturire n'ibidukikije hakurikijwe uturere---------- 75
Ikarita 8: Uko abaturage bashima serivisi z'abikorera hakurikijwe uturere---------- 81
Ikarita 9: Uko abaturage bashima serivisi z'uburezi hakurikijwe uturere ---------- 90
Ikarita 10: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuzima hakurikijwe uturere ---------- 98
Ikarita 11: Uko abaturage bashima isuku hakurikijwe uturere ---------- 105
Ikarita 12: Uko abaturage bashima gahunda zo kwita ku batishoboye no kuzamura imibereho yabo hakurikijwe uturere ---------- 111
Ikarita 13: Uko abaturage bashima imibereho y'umuryango nyarwanda hakurikijwe uturere ---------- 118
Ikarita 14: Uko abaturage bashima imikorere y'inzego z'ibanze hakurikijwe uturere---------- 127
Ikarita 15: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutabera hakurikijwe uturere---------- 134
Ikarita 16: Uko abaturage bashima iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi hakurikijwe uturere. ---------- 143
Ikarita 17: Uko abaturage bashima umutekano hakurikijwe uturere ---------- 152
Ikarita 18: Uko abaturage bashima uruhare rwabo mu bibakorerwa hakurikijwe uturere---------- 160

# Urutonde rw'Amashusho

Ishusho 1: Ishusho y'uko abaturage bashima imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe inkingi ---------------------- 17
Ishusho 2: Abaturage babajijwe hakurikijwe irangamimerere---------------------------------------------------------------------------- 33
Ishusho 3: Abaturage babajijwe hakurikijwe amashuri bize ---------------------------------------------------------------------------- 33
Ishusho 4: Abaturage babajijwe hakurikijwe umurimo bakora---------------------------------------------------------------------------- 33
Ishusho 5: Abakora imirimo y'ubuhinzi---------------------------------------------------------------------------------------------------- 38
Ishusho 6: Urubyiruko rukora mu buhinzi hakurikijwe amashuri bize----------------------------------------------------------------- 38
Ishusho 7: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubuhinzi muri rusange----------------------------------------------------------- 39
Ishusho 8: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuhinzi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali----------------------------------- 40
Ishusho 9: Aho abaturage bakura amakuru y'ubuhinzi-------------------------------------------------------------------------------------- 41
Ishusho 10: Uko abaturage babona serivisi zitandukanye zo mu buhinzi ------------------------------------------------------------ 41
Ishusho 11: Uko abagabo n'abagore bashima serivisi zitandukanye zo mu buhinzi ---------------------------------------------- 42
Ishusho 12 : Uko abaturage babona imikorere ya bamwe mu batanga serivisi z'ubuhinzi----------------------------------------- 42
Ishusho 13: Inzitizi abaturage bagaragaje muri serivisi z'ubuhinzi--------------------------------------------------------------------- 43
Ishusho 14: Abaturage bakora ubworozi ------------------------------------------------------------------------------------------------------- 47
Ishusho 15: Urubyiruko rukora ubworozi hakurikijwe amashuri bize ------------------------------------------------------------------ 47
Ishusho 16: Aborozi bafashe ubwishingizi bw'amatungo yabo --------------------------------------------------------------------------- 48
Ishusho 17: Impamvu zo kudafata ubwishingizi bw'amatungo yabo--------------------------------------------------------------------- 48
Ishusho 18: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubworozi muri rusange ------------------------------------------------------ 49
Ishusho 19: Uko abaturage bashima serivisi z'ubworozi hakurikijwe intara n'Umujyi wa Kigali --------------------------------- 50
Ishusho 20: Uburyo abaturage bakoresha mu kubangurira amatungo yabo ----------------------------------------------------------- 51
Ishusho 21: Uko abaturage babona serivisi zitadukanye z'ubworozi --------------------------------------------------------------------- 51
Ishusho 22: Uko abagabo n'abagore bashima serivisi zo mu bworozi --------------------------------------------------------------- 52
Ishusho 23: Uko abaturage babona imikorere ya bamwe mu batanga serivisi z'ubworozi -------------------------------------- 52
Ishusho 24: Inzitizi zigaragara muri serivisi z'ubworozi------------------------------------------------------------------------------------ 53
Ishusho 25 : Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ibikorwaremezo muri rusange---------------------------------------------- 56
Ishusho 26: Uko abaturage bashima ibikorwaremezo hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali ----------------------------------- 57
Ishusho 27: Uko abaturage babona serivisi z'amazi---------------------------------------------------------------------------------------- 58
Ishusho 28: Uko abaturage babona serivisi z'amashanyarazi ---------------------------------------------------------------------------- 61
Ishusho 29: Uko abaturage babona ibikorwaremezo by'imihanda n'amateme------------------------------------------------------- 61
Ishusho 30: Inzitizi abaturage babona mu bikorwaremezo-------------------------------------------------------------------------------- 62
Ishusho 31: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho muri rusange -------------------------- 65
Ishusho 32: Uko abaturage babona serivisi z'ikoranabuhanga hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali ------------------------ 66
Ishusho 33: Uko abaturage babona imibonekere ya rezo y'imwe mu miyoboro y'ikoranabuhanga n'itumanaho ikoreshwa mu gutanga serivisi---------------------------------------------------------------------------------- 67
Ishusho 34: Uko urubyiruko rubona imibonekere ya rezo ya interineti------------------------------------------------------------------ 67
Ishusho 35: Uko abagabo n'abagore bazi urubuga rw'Irembo. ----------------------------------------------------------------------- 68
Ishusho 36: Uburyo abaturage bakoresha serivisi z'Irembo---------------------------------------------------------------------------- 68
Ishusho 37: Uburyo urubyiruko rukoresha serivisi z'Irembo -------------------------------------------------------------------------- 69
Ishusho 38: Uko abaturage babona serivisi z'Irembo------------------------------------------------------------------------------------ 69
Ishusho 39 : Uko abaturage babona imikorere y'ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego mu rwego rw'ubutabera ------------------------------------------------------------------------------------------------------- 70
Ishusho 40: Uko abaturage babona serivisi zo kwishyura no guhererekanya amafaranga hifashishijwe telefoni--------- 70
Ishusho 41: Inzitizi mu ikoranabuhanga n'itumanaho ------------------------------------------------------------------------------------ 71
Ishusho 42: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubutaka, imiturire n'ibidukikije muri rusange------------------------- 74
Ishusho 43: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutaka, imiturire n'ibidukikije hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali ---- 75
Ishusho 44: Uko abaturage babona serivisi z'ubutaka n'imiturire zakoreweho ubushakashatsi ---------------------------------- 76
Ishusho 45: Uko abaturage babona bimwe mu bikorwa byo kubungabunga ibidukikije ----------------------------------------- 76

Ishusho 46: Inzitizi zagaragajwe muri serivisi z'ubutaka n'imiturire---------- 77
Ishusho 47 : Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'urwego rw'abikorera muri rusange---------- 80
Ishusho 48:  Uko abaturage bashima serivisi z'urwego rw'abikorera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali ---------- 81
Ishusho 49:  Uko abaturage babona serivisi z' abikorera---------- 82
Ishusho 50: Uko abagabo n'abagore bakorana n'ibigo by'imari bitandukanye---------- 82
Ishusho 51: Uko urubyiruko rukorana n'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse---------- 83
Ishusho 52: Uburyo abaturage bakoresha mu kwizigamira ---------- 83
Ishusho 53: Uko abaturage  babona serivisi bahabwa n'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse ---------- 84
Ishusho 54: Uko abanyamuryango b'amakoperative babona imikorere yayo---------- 84
Ishusho 55: Imbogamizi mu mikorere y'amakoperative ---------- 85
Ishusho 56: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'uburezi muri rusange ---------- 89
Ishusho 57: Uko abaturage bashima serivisi z'uburezi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali ---------- 90
Ishusho 58: Uko abaturage babona ibikorwaremezo na zimwe muri gahunda na serivisi zo mu rwego rw'uburezi------ 91
Ishusho 59: Uko abagabo n'abagore bashima ibikorwaremezo na zimwe muri gahunda na serivisi zo mu rwego rw'uburezi---------- 92
Ishusho 60: Inzitizi abaturage babona zikiri mu burezi---------- 93
Ishusho 61: Impamvu zitera abana guta ishuri ---------- 93
Ishusho 62: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubuzima muri rusange---------- 97
Ishusho 63: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuzima ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali---------- 98
Ishusho 64: Uko abaturage babona serivisi z'ubuzima zitandukanye ---------- 99
Ishusho 65: Uko abagabo n'abagore bashima serivisi z'ubuzima zitandukanye---------- 100
Ishusho 66: Uko abaturage babona imikorere y'amavuriro---------- 100
Ishusho 67: Uko abagabo n'abagore babona isuku muri rusange---------- 104
Ishusho 68: Uko abaturage bashima isuku hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali ---------- 105
Ishusho 69: Uko abaturage babona isuku ahantu hatandukanye ---------- 106
Ishusho 70: Bimwe mu byo abaturage babona bitera umwanda---------- 106
Ishusho 71: Uko abagabo n'abagore babona gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye muri rusange---------- 110
Ishusho 72:Uko abaturage bashima gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali---------- 111
Ishusho 73: Uko abaturage babona ishyirwa mu bikorwa ry'ubufasha bugenerwa abatishoboye ---------- 112
Ishusho 74 : Uko abaturage bakoresha ubwishingizi n'ubwiteganirize---------- 113
Ishusho 75: Zimwe mu nzitizi zagaragajwe zibangamira ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye---------- 113
Ishusho 76: Uko abagabo n'abagore babona imibereho y'umuryango nyarwanda muri rusange---------- 117
Ishusho 77: Uko abaturage bashima imibereho y'umuryango nyarwanda hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali-------- 118
Ishusho 78: Uko abaturage babona gahunda zitandukanye zo guteza imbere imibereho y'umuryango nyarwanda--- 119
Ishusho 79: Uko abagabo n'abagore babona ibikorwa bitandukanye mu mibereho y'umuryango nyarwanda ---------- 119
Ishusho 80: Uko urubyiruko rubona  ibikorwa bitandukanye mu mibereho y'umuryango nyarwanda---------- 120
Ishusho 81: Bimwe mu bibazo bibangamiye umuryango ---------- 120
Ishusho 82: Uko abaturage babona ihohoterwa rikorerwa ibyiciro bitandukanye by'abagize umuryango---------- 121
Ishusho 83: Impamvu zitera ibibazo byo mu muryango---------- 121
Ishusho 84: Uko abagabo n'abagore babona inzego z'ibanze muri rusange---------- 126

Ishusho 85: Uko abaturage bashima imikorere y'inzego z'ibanze hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali -------------------- 127
Ishusho 86: Uko abaturage babona imikorere y'inzego z'ibanze ---------------------------------------------------------------------- 128
Ishusho 87: Uko abaturage babona imikorere ya bamwe mu bakozi b' inzego z'ibanze---------------------------------------- 128
Ishusho 88: Uko abaturage babona zimwe muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze---------------------------------------- 129
Ishusho 89: Zimwe mu nzitizi zagaragajwe muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze ---------------------------------------- 129
Ishusho 90: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubutabera muri rusange ------------------------------------------------ 133
Ishusho 91: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutabera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali ----------------------------- 134
Ishusho 92: Uko abaturage babona imikorere na serivisi mu nzego z'ubutabera ----------------------------------------------- 135
Ishusho 93: Uko abaturage babona imikorere ya Komite z'Abunzi ------------------------------------------------------------------- 135
Ishusho 94: Uko abaturage babona serivisi n'imikorere bya MAJ ---------------------------------------------------------------------- 136
Ishusho 95: Uko abaturage babona imikorere ya RIB --------------------------------------------------------------------------------------- 136
Ishusho 96: Uko abaturage babona ruswa mu nzego na serivisi zitandukanye ---------------------------------------------------- 136
Ishusho 97: Uko abaturage babona akarengane mu nzego na serivisi zitandukanye ------------------------------------------- 138
Ishusho 98: Uko abaturage babona imikorere y'inzego mu kurwanya ruswa n'akarengane----------------------------------- 139
Ishusho 99: Uko abagabo n'abagore babona iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi ---------------------------------------------------------------------------------------------------- 142
Ishusho 100: Uko abaturage bashima iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali---------------------------------------------------------------------------------------- 143
Ishusho 101: Uko abaturage babona iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere atandukanye---------------------------------- 144
Ishusho 102: Icyizere abaturage bafitiye inzego z'ubuyobozi ------------------------------------------------------------------------ 144
Ishusho 103: Uko abaturage babona ubwigenge bwa zimwe mu nzego ----------------------------------------------------------- 145
Ishusho 104: Uko abaturage babona imikorere ya zimwe mu nzego mu guteza imbere imiyoborere myiza ------------ 145
Ishusho 105: Uko abaturage babona ishyirwamubikorwa rya gahunda ya "Ndi Umunyarwanda"--------------------------- 146
Ishusho 106: Uko abaturage babona uburyo bwo kubona amakuru muri rusange --------------------------------------------- 148
Ishusho 107 : Uko abagabo n'abagore babona umutekano muri rusange -------------------------------------------------------- 151
Ishusho 108: Uko abaturage bashima umutekano hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali -------------------------------------- 152
Ishusho 109: Icyizere abaturage bafitiye zimwe mu nzego z'umutekano------------------------------------------------------------ 153
Ishusho 110: Uko abaturage babona umutekano rusange w'Igihugu n'umutekano w'abantu n'ibintu--------------------- 155
Ishusho 111: Ibibangamira umutekano w'abantu n'ibintu ------------------------------------------------------------------------------ 155
Ishusho 112: Uko abagabo n'abagore babona uruhare rwabo mu bibakorerwa muri rusange------------------------------- 159
Ishusho 113: Uko abaturage bashima uruhare rwabo mu bibakorerwa hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali---------- 160
Ishusho 114: Uko abaturage babona uruhare rwabo muri gahunda zitandukanye---------------------------------------------- 161

# Urutonde rw'Imbonerahamwe

Imbonerahamwe 1: Ishusho y'uko abaturage bashima imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe inkingi ----------- 17
Imbonerahamwe 2: Uko inkingi zihagaze hakurikijwe uturere ---------- 18
Imbonerahamwe 3: Uko abaturage bashima imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe ibyiciro---------- 19
Imbonerahamwe 4: Uko abaturage bashima imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe uturere ---------- 19
Imbonerahamwe 5: Uturere tuza ku isonga n'utuza inyuma muri buri cyiciro---------- 24
Imbonerahamwe 6: Umubare w'abaturage bakoreweho ubushakashatsi hakurikijwe akarere ---------- 28
Imbonerahamwe 7: Abaturage babajijwe hakurikijwe abagore n'abagabo ---------- 31
Imbonerahamwe 8: Abaturage babajijwe hakurikijwe imyaka ---------- 32
Imbonerahamwe 9: Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubuhinzi ---------- 45
Imbonerahamwe 10: Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubworozi---------- 54
Imbonerahamwe 11: Ababona amazi meza aho batuye hakurikijwe uturere ---------- 59
Imbonerahamwe 12: Abaturage bafite amashanyarazi hakurikijwe uturere ---------- 60
Imbonerahamwe 13: Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ibikorwaremezo ---------- 63
Imbonerahamwe 14: Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho---------- 72
Imbonerahamwe 15: Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubutaka n'imiturire ---------- 78
Imbonerahamwe 16: Uko uturere duhagaze muri serivisi z'abikorera ---------- 86
Imbonerahamwe 17: Uko uturere duhagaze muri serivisi z'uburezi ---------- 95
Imbonerahamwe 18: Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubuzima ---------- 102
Imbonerahamwe 19: Uko uturere duhagaze muri serivisi z'isuku ---------- 108
Imbonerahamwe 20: Uko uturere duhagaze muri serivisi zo kuzamura imibereho myiza no kwita ku batishoboye --- 115
Imbonerahamwe 21: Uko uturere duhagaze mu mibereho y'umuryango nyarwanda ---------- 123
Imbonerahamwe 22: Uko uturere duhagaze muri serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze ---------- 131
Imbonerahamwe 23: Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubutabera---------- 140
Imbonerahamwe 24: Uko abaturage bashima ishyirwamubikorwa rya gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" hakurikijwe uturere---------- 147
Imbonerahamwe 25: Uko uturere duhagaze mu iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi ---------- 149
Imbonerahamwe 26: Abaturage bafitiye icyizere zimwe mu nzego z'umutekano hakurikijwe uturere---------- 154
Imbonerahamwe 27: Uko uturere duhagaze mu mutekano ---------- 157
Imbonerahamwe 28: Uko abaturage babona uruhare rwabo mu kwitabira umugoroba w'imiryango hakurikijwe uturere---------- 162
Imbonerahamwe 29: Uko uturere duhagaze mu ruhare rw'abaturage mu bibakorerwa---------- 164
Imbonerahamwe 30: Ibyifuzonama rusange kuri CRC 2025---------- 166
Imbonerahamwe 31: Uko abaturage bashima imiyoborere n'imitangire ya serivisi zakozweho ubushakashatsi mu turere---------- 167

# Ibyifuzonama

Ibyifuzonama ku buhinzi ---------- 44
Ibyifuzonama ku bworozi ---------- 53
Ibyifuzonama ku bikorwaremezo ---------- 62
Ibyifuzonama ku ikoranabuhanga n'itumanaho ---------- 71
Ibyifuzonama ku butaka n'imiturire ---------- 77
Ibyifuzonama ku rwego rw' abikorera ---------- 85
Ibyifuzonama ku burezi ---------- 94
Ibyifuzonama ku buzima ---------- 101
Ibyifuzonama Ku isuku ---------- 107
Ibyifuzonama kuri gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye ---------- 114
Ibyifuzonama ku mibereho y'umuryango nyarwanda ---------- 122
Ibyifuzonama ku nzego z' ibanze ---------- 130
Ibyifuzonama ku butabera ---------- 139
Ibyifuzonama ku iyubahirizwa ry'amahame y' imiyoborere n' icyizere ku nzego z'ubuyobozi ---------- 148
Ibyifuzonama ku mutekano ---------- 156
Icyifuzonama ku ruhare rw' abaturage bagira mu bibakorerwa ---------- 163

# Igice cya **mbere**



# 1. Incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi

Ubushakashatsi ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye (CRC) bukozwe ku nshuro ya cumi na kane. Ubushakashatsi bwakorewe ku byiciro cumi na bitandatu.

Mu nkingi y'Ubukungu harimo ubuhinzi, ubworozi, ibikorwaremezo, ikoranabuhanga n'itumanaho, ubutaka, imiturire n'ibidukikije, ndetse n'urwego rw'abikorera. Inkingi y'Imibereho myiza y'abaturage igizwe n'uburezi, ubuzima, isuku, gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye ndetse n'imibereho y'umuryango nyarwanda. Mu nkingi y'Imiyoborere harimo serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze, ubutabera, iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi, umutekano ndetse n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.


Ubu bushakashatsi bwakorewe ku baturage ibihumbi icumi na magana atandatu na mirongo irindwi na batandatu (10,676) bafite nibura imyaka cumi n'umunani, batoranijwe mu turere twose tw'Igihugu hakurikijwe umubare w'abaturage batuye akarere.

Muri rusange CRC 2025 yagaragaje ko abaturage bishimiye imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye ku gipimo cya 76.7%.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko inkingi y'imiyoborere ariyo iza ku isonga ku gipimo cya 85.8% naho inkingi y'ubukungu ni yo iri ku gipimo cyo hasi cya 71.0%. Ku bijyanye n'ibyiciro, umutekano ni wo ukomeje gushimwa n'abaturage benshi ku gipimo cya 92.1%, naho icyiciro cy'ubutaka, imiturire n'ibidukikije kikaba ari cyo gishimwa ku gipimo cyo hasi cya 65.7%.

Imbonerahamwe n'ikarita bikurikira biragaragaza incamake y'ibyavuye mu bushakashatsi.

**Ishusho ya 1:**
**Ishusho y'uko abaturage bashima imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe inkingi**



## Imbonerahamwe 2:
## Uko inkingi zihagaze hakurikijwe uturere

| AKARERE | INKINGI | | |
|---|---|---|---|
| | UBUKUNGU | IMIBEREHO MYIZA | IMIYOBORERE |
| Gasabo | 72.2% | 71.2% | 80.5% |
| Kicukiro | 74.1% | 79.6% | 86.1% |
| Nyarugenge | 73.7% | 76.0% | 83.9% |
| **UMUJYI WA KIGALI** | **73.3%** | **75.6%** | **83.5%** |
| | | | |
| Gisagara | 75.1% | 79.0% | 89.1% |
| Huye | 71.8% | 73.2% | 84.8% |
| Kamonyi | 77.0% | 75.4% | 86.2% |
| Muhanga | 74.0% | 78.2% | 91.0% |
| Nyamagabe | 67.4% | 73.0% | 87.2% |
| Nyanza | 74.8% | 78.7% | 88.5% |
| Nyaruguru | 71.7% | 78.7% | 87.9% |
| Ruhango | 69.7% | 73.6% | 85.5% |
| **AMAJYEPFO** | **72.7%** | **76.2%** | **87.5%** |
| | | | |
| Karongi | 65.0% | 68.7% | 81.5% |
| Ngororero | 68.9% | 72.9% | 88.4% |
| Nyabihu | 71.2% | 78.5% | 89.7% |
| Nyamasheke | 69.0% | 73.8% | 85.2% |
| Rubavu | 71.1% | 75.5% | 86.5% |
| Rusizi | 66.4% | 71.9% | 84.7% |
| Rutsiro | 64.8% | 70.9% | 83.6% |
| **IBURENGERAZUBA** | **68.1%** | **73.2%** | **85.7%** |
| | | | |
| Burera | 76.7% | 80.7% | 89.9% |
| Gakenke | 74.5% | 81.7% | 91.6% |
| Gicumbi | 71.6% | 76.4% | 88.4% |
| Musanze | 70.3% | 75.7% | 89.1% |
| Rulindo | 73.6% | 80.9% | 89.6% |
| **AMAJYARUGURU** | **73.3%** | **79.1%** | **89.7%** |
| | | | |
| Bugesera | 70.3% | 75.4% | 87.3% |
| Gatsibo | 66.8% | 65.3% | 79.9% |
| Kayonza | 62.0% | 63.1% | 77.8% |
| Kirehe | 70.1% | 74.2% | 86.6% |
| Ngoma | 72.0% | 75.4% | 86.2% |
| Nyagatare | 69.0% | 72.2% | 83.4% |
| Rwamagana | 68.0% | 68.5% | 80.5% |
| **IBURASIRAZUBA** | **68.3%** | **70.6%** | **83.1%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## Imbonerahamwe 3:
## Uko abaturage bashima imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe ibyiciro

| Nº | IBYICIRO | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Umutekano | 92.1% |
| 2 | Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi | 90.1% |
| 3 | Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa | 88.2% |
| 4 | Ubutabera | 81.3% |
| 5 | Uburezi | 79.4% |
| 6 | Inzego z'ibanze | 77.1% |
| 7 | Ubworozi | 76.5% |
| 8 | Isuku | 76.1% |
| 9 | Imibereho y'umuryango nyarwanda | 74.7% |
| 10 | Ikoranabuhanga n'itumanaho | 73.4% |
| 11 | Urwego rw'abikorera | 73.3% |
| 12 | Ubuzima | 72.4% |
| 13 | Ubuhinzi | 70.6% |
| 14 | Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye | 69.6% |
| 15 | Ibikorwaremezo | 66.4% |
| 16 | Ubutaka, imiturire n'ibidukikije | 65.7% |
| | **Impuzandengo** | **76.7%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


## Imbonerahamwe 4:
## Uko abaturage bashima imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe uturere

| Nº | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Gakenke | 82.11% |
| 2 | Burera | 82.05% |
| 3 | Rulindo | 80.89% |
| 4 | Gisagara | 80.70% |
| 5 | Muhanga | 80.63% |
| 6 | Nyanza | 80.30% |
| 7 | Kicukiro | 79.57% |
| 8 | Kamonyi | 79.35% |
| 9 | Nyabihu | 79.28% |
| 10 | Nyaruguru | 78.93% |
| 11 | Gicumbi | 78.33% |
| 12 | Musanze | 77.83% |
| 13 | Nyarugenge | 77.61% |
| 14 | Ngoma | 77.53% |
| 15 | Rubavu | 77.31% |


| | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 16 | Bugesera | 77.21% |
| 17 | Kirehe | 76.52% |
| 18 | Huye | 76.28% |
| 19 | Ngororero | 76.23% |
| 20 | Ruhango | 75.85% |
| 21 | Nyamasheke | 75.57% |
| 22 | Nyamagabe | 75.33% |
| 23 | Nyagatare | 74.48% |
| 24 | Gasabo | 74.45% |
| 25 | Rusizi | 73.84% |
| 26 | Rutsiro | 72.61% |
| 27 | Rwamagana | 72.07% |
| 28 | Karongi | 71.27% |
| 29 | Gatsibo | 70.40% |
| 30 | Kayonza | 67.26% |
| | **Impuzandengo** | **76.69%** |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2025


Ikarita 1: Uko abaturage bashima imiyoborere n'imitangire ya serivisi hakurikijwe uturere



## CRC 2025:
## Uko abaturage bashima Intara / Umujyi wa Kigali




## CRC 2025:
## Uko abaturage bashima Intara / Umujyi wa Kigali




77.9%

| UMUJYI WA KIGALI | | |
|---|---|---|
| 1. | Kicukiro | 79.6% |
| 2. | Nyarugenge | 77.6% |
| 3. | Gasabo | 74.5% |




77.8%

| AMAJYEPFO | | |
|---|---|---|
| 1. | Gisagara | 80.7% |
| 2. | Muhanga | 80.6% |
| 3. | Nyanza | 80.3% |
| 4. | Kamonyi | 79.4% |
| 5. | Nyaruguru | 78.9% |
| 6. | Huye | 76.3% |
| 7. | Ruhango | 75.9% |
| 8. | Nyamagabe | 75.3% |




74.2%

| IBURENGERAZUBA | | |
|---|---|---|
| 1. | Nyabihu | 79.3% |
| 2. | Rubavu | 77.3% |
| 3. | Ngororero | 76.2% |
| 4. | Nyamasheke | 75.6% |
| 5. | Rusizi | 73.8% |
| 6. | Rutsiro | 72.6% |
| 7. | Karongi | 71.3% |



75.7%

| AMAJYARUGURU | | |
|---|---|---|
| 1. | Gakenke | 82.1% |
| 2. | Burera | 82.1% |
| 3. | Rulindo | 80.9% |
| 4. | Gicumbi | 78.3% |
| 5. | Musanze | 77.8% |



76.9%

| IBURASIRAZUBA | | |
|---|---|---|
| 1. | Ngoma | 77.5% |
| 2. | Bugesera | 77.2% |
| 3. | Kirehe | 76.5% |
| 4. | Nyagatare | 74.5% |
| 5. | Rwamagana | 72.1% |
| 6. | Gatsibo | 70.4% |
| 7. | Kayonza | 67.3% |



# Uturere Tuza Ku Isonga N'utuza Inyuma

| ICYICIRO | | AKARERE KA MBERE | | AKARERE KA NYUMA | |
|---|---|---|---|---|---|
| UMUTEKANO | 92.1% | MUHANGA | 95.7% | NYAGATARE | 85.9% |
| IYUBAHIRIZWA RY'AMAHAME Y'IMIYOBORERE N'ICYIZERE KU NZEGO Z'UBUYOBOZI | 90.1% | MUHANGA | 95.2% | KAYONZA | 80.7% |
| URUHARE RW'ABATURAGE MU BIBAKORERWA | 88.2% | MUSANZE | 94.5% | GASABO | 80.9% |
| UBUTABERA | 81.3% | MUHANGA | 88.4% | GASABO | 71.5% |
| UBUREZI | 79.4% | KICUKIRO | 87.5% | KAYONZA | 66.8% |
| INZEGO Z'IBANZE | 77.1% | GAKENKE | 87.7% | KAYONZA | 64.6% |
| UBWOROZI | 76.5% | BURERA | 84.7% | KAYONZA | 67.0% |
| ISUKU | 76.1% | KICUKIRO | 88.4% | KAYONZA | 62.3% |

# Muri buri cyiciro

| ICYICIRO | | AKARERE KA MBERE | | AKARERE KA NYUMA | |
|---|---|---|---|---|---|
| IMIBEREHO Y'UMURYANGO NYARWANDA | 74.7% | KICUKIRO | 85.3% | KAYONZA | 59.3% |
| IKORANABUHANGA N'ITUMANAHO | 73.4% | NYARUGENGE | 80.9% | RUSIZI | 64.9% |
| URWEGO RW'ABIKORERA | 73.3% | KICUKIRO | 81.6% | KAYONZA | 62.6% |
| UBUZIMA | 72.4% | GAKENKE | 83.8% | GASABO | 61.1% |
| UBUHINZI | 70.6% | KAMONYI | 81.4% | KICUKIRO | 59.6% |
| GAHUNDA ZO KUZAMURA IMIBEREHO NO KWITA KU BATISHOBOYE | 69.6% | GAKENKE | 82.0% | RWAMAGANA | 55.8% |
| IBIKORWAREMEZO | 66.4% | KICUKIRO | 82.5% | NYAMAGABE | 55.2% |
| UBUTAKA, IMITURIRE N'IBIDUKIKIJE | 65.7% | GISAGARA | 73.5% | GATSIBO | 54.3% |



# 2. Ingengamikorere y'ubushakashatsi

CRC 2025 yakozwe ku byiciro cumi na bitandatu (16) bikubiye mu nkingi eshatu za gahunda ya Guverinoma ari zo Ubukungu, Imibereho myiza y'abaturage, ndetse n'Imiyoborere. Inkingi y'Ubukungu igizwe n'ubuhinzi, ubworozi, ibikorwaremezo, ubutaka, imiturire n'ibidukikije, serivisi z'abikorera ndetse n'ikoranabuhanga n'itumanaho. Inkingi y'Imibereho myiza y'abaturage igizwe n'uburezi, ubuzima, isuku, gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye ndetse n'imibereho y'umuryango nyarwanda. Inkingi y'Imiyoborere irimo serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze, ubutabera, iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere cy'abaturage ku nzego z'ubuyobozi, umutekano ndetse n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

Iyi CRC ifite umwihariko wo gutangirana na Gahunda ya kabiri y' Igihugu yo kwihutisha iterambere (NST2) ari nayo yubakiyeho, hakaba harajemo impinduka mu bibazo byakorehejwe hafi mu byiciro byose ugereranyije n'ibyakoreshwaga muri CRC zayibanjirije, hagamijwe kuyihuza n'intego za NST2. Iyi CRC kandi iratanga amakuru shingiro ajyanye n'umwaka wa mbere wa NST2 azakomeza gushingirwaho mu kugaragaza impinduka mu gihe cy'imyaka itanu y'ishyirwamubikorwa ry'iyi Gahunda y'Igihugu.

Ubu bushakashatsi bwakorewe ku baturage bafite imyaka cumi n'umunani (18) kuzamura babonetse hakurikijwe urutonde rusange rw'ingo zigize imidugudu yakorewemo ubushakashatsi. Umudugudu watoranijwe ku buryo bwa "tombola" hifashishijwe ikoranabuhanga rya SPSS. Umubare w'ingo zose zakoreweho ubushakashatsi wabonetse mu buryo bukurikira:

$$n = \frac{Z^2pqN}{e^2(N-1)+Z^2pq}$$

aho:

n: Umubare w'abaturage bakoreweho ubushakashatsi,

N: Umubare w'abaturage bose bafite imyaka cumi n'umunani (18) kujyana hejuru. Hifashishijwe ibarura rusange ry'abaturage rya 2022, uwo mubare ungana na 7,349,793.

Z: Umubare werekana icyizere ibizava mu bushakashatsi bikwiye kugirirwa. Hagendewe ku cyizere cya 95%, uwo mubare ungana na 1.96.

p na q (q=1-p): Ikigereranyo cy'abaturage barebwa n'ubushakashatsi, aho CRC 2024 yerekanye ko abaturage bishimiye serivisi ari 76.5% ubwo p = 0.765 naho q = 0.235

e: Ikigereranyo cyo kwibeshya cyangwa gukora amakosa mu ihitamo ry'ababazwa cyari kuri 1%.

Ubushakashatsi bwakorewe ku baturage ibihumbi cumi na magana atandatu na mirongo irindwi na batandatu (10,676). Ababajijwe batoranyijwe mu turere hakurikijwe umubare w'abaturage batuye akarere. Ibi bivuze ko akarere gafite abaturage benshi ari nako kabajijwemo abaturage benshi nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

## Imbonerahamwe 5:
## Umubare w'abaturage bakoreweho ubushakashatsi hakurikijwe akarere

| No | AKARERE | UMUBARE W'ABABAJIJWE |
|---|---|---|
| 1 | Bugesera | 409 |
| 2 | Burera | 312 |
| 3 | Gakenke | 336 |
| 4 | Gasabo | 658 |
| 5 | Gatsibo | 422 |
| 6 | Gicumbi | 351 |
| 7 | Gisagara | 315 |
| 8 | Huye | 355 |
| 9 | Kamonyi | 340 |
| 10 | Karongi | 328 |
| 11 | Kayonza | 340 |
| 12 | Kicukiro | 362 |
| 13 | Kirehe | 333 |
| 14 | Muhanga | 321 |
| 15 | Musanze | 359 |
| 16 | Ngoma | 325 |
| 17 | Ngororero | 310 |
| 18 | Nyabihu | 324 |
| 19 | Nyagatare | 476 |
| 20 | Nyamagabe | 320 |
| 21 | Nyamasheke | 329 |
| 22 | Nyanza | 323 |
| 23 | Nyarugenge | 320 |
| 24 | Nyaruguru | 331 |
| 25 | Rubavu | 382 |
| 26 | Ruhango | 344 |
| 27 | Rulindo | 312 |
| 28 | Rusizi | 350 |
| 29 | Rutsiro | 313 |
| 30 | Rwamagana | 376 |
| **BOSE HAMWE** | | **10,676** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ikarita 2: Imidugudu yakorewemo ubushakashatsi



Ikarita iri hejuru iragaragaza imidugudu yakorewemo ubushakashatsi mu gihugu cyose. Iyi midugudu yatoranyijwe ku buryo bwa “tombola” hakoreshejwe ikoranabuhanga rya SPSS. Mu midugudu 14,837 igize Igihugu, hatoranyijwemo 704, aho ababajijwe muri buri mudugudu batoranyijwe hakurikijwe ingo ziwugize. Nyuma yo kubona urutonde rw’ingo zituye umudugudu, hakozwe igiteranyo cy’ingo zose, aricyo cyagabanyijwe n’umubare w’abagombaga kubazwa muri buri mudugudu w’ako karere kugira ngo haboneke umubare w’ingo zisimbukwa. Ubazwa wa mbere yabonetse hakozwe “tombola” hagati ya rimwe (1) na wa mubare w’ingo zisimbukwa. Uwo mubare wongerewe ku rugo rwa mbere rwatoranyijwe, haboneka urwa kabiri, bityo bityo kugeza habonetse umubare w’ababazwa ukenewe. Mu rugo rwatoranyijwe habazwaga umwe mu bagize urugo (umugabo, umugore, abana) ufite nibura imyaka cumi n’umunani. Amakuru agaragara muri ubu bushakashatsi yakusanyijwe mu kwezi kwa Gashyantare na Werurwe mu mwaka wa 2025.



# 3. Ibiranga ababajijwe muri ubu ubushakashatsi

Imbonerahamwe zikurikira ziragaragaza ibyiciro biranga ababajijwe.

**Imbonerahamwe 6: Abaturage babajijwe hakurikijwe abagore n'abagabo**

| AKARERE | IGITSINA | | | | BOSE HAMWE |
|---|---|---|---|---|---|
| | Gabo | | Gore | | |
| | Umubare | % | Umubare | % | Umubare |
| Gasabo | 289 | 43.9% | 369 | 56.1% | 658 |
| Kicukiro | 151 | 41.7% | 211 | 58.3% | 362 |
| Nyarugenge | 145 | 45.3% | 175 | 54.7% | 320 |
| Gisagara | 151 | 47.9% | 164 | 52.1% | 315 |
| Huye | 158 | 44.5% | 197 | 55.5% | 355 |
| Kamonyi | 148 | 43.5% | 192 | 56.5% | 340 |
| Muhanga | 146 | 45.5% | 175 | 54.5% | 321 |
| Nyamagabe | 151 | 47.2% | 169 | 52.8% | 320 |
| Nyanza | 149 | 46.1% | 174 | 53.9% | 323 |
| Nyaruguru | 161 | 48.6% | 170 | 51.4% | 331 |
| Ruhango | 155 | 45.1% | 189 | 54.9% | 344 |
| Karongi | 146 | 44.5% | 182 | 55.5% | 328 |
| Ngororero | 148 | 47.7% | 162 | 52.3% | 310 |
| Nyabihu | 148 | 45.7% | 176 | 54.3% | 324 |
| Nyamasheke | 152 | 46.2% | 177 | 53.8% | 329 |
| Rubavu | 166 | 43.5% | 216 | 56.5% | 382 |
| Rusizi | 150 | 42.9% | 200 | 57.1% | 350 |
| Rutsiro | 153 | 48.9% | 160 | 51.1% | 313 |
| Burera | 163 | 52.2% | 149 | 47.8% | 312 |
| Gakenke | 167 | 49.7% | 169 | 50.3% | 336 |
| Gicumbi | 145 | 41.3% | 206 | 58.7% | 351 |
| Musanze | 155 | 43.2% | 204 | 56.8% | 359 |
| Rulindo | 151 | 48.4% | 161 | 51.6% | 312 |
| Bugesera | 165 | 40.3% | 244 | 59.7% | 409 |
| Gatsibo | 209 | 49.5% | 213 | 50.5% | 422 |
| Kayonza | 149 | 43.8% | 191 | 56.2% | 340 |
| Kirehe | 153 | 45.9% | 180 | 54.1% | 333 |
| Ngoma | 155 | 47.7% | 170 | 52.3% | 325 |
| Nyagatare | 202 | 42.4% | 274 | 57.6% | 476 |
| Rwamagana | 152 | 40.4% | 224 | 59.6% | 376 |
| **Bose hamwe** | **4833** | **45.3%** | **5843** | **54.7%** | **10676** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


## Imbonerahamwe 7:
## Abaturage babajijwe hakurikijwe imyaka

| IMYAKA | IGITSINA | | | | BOSE HAMWE | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gabo | | Gore | | | |
| | Umubare | % | Umubare | % | Umubare | % |
| 18 - 30 | 1062 | 9.9% | 1559 | 14.6% | 2621 | 24.6% |
| 31 - 40 | 1341 | 12.6% | 1688 | 15.8% | 3029 | 28.4% |
| 41 - 50 | 1230 | 11.5% | 1366 | 12.8% | 2596 | 24.3% |
| 51 - 60 | 771 | 7.2% | 857 | 8.0% | 1628 | 15.2% |
| 61 kuzamura | 429 | 4.0% | 373 | 3.5% | 802 | 7.5% |
| **Bose hamwe** | **4833** | **45.3%** | **5843** | **54.7%** | **10676** | **100.0%** |

Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2025




## Ishusho 2: Abaturage babajijwe hakurikijwe irangamimerere





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## Ishusho 3: Abaturage babajijwe hakurikijwe amashuri bize




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## Ishusho 4: Abaturage babajijwe hakurikijwe umurimo bakora




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

# 3.1 Ibyiciro byakoreweho ubushakashatsi

**UBUKUNGU:**

- Ubuhinzi
- Ubworozi
- Ibikorwaremezo
- Ikoranabuhanga n'itumanaho
- Ubutaka, imiturire n'ibidukikije
- Urwego rw'abikorera

**IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE**

- Uburezi
- Ubuzima
- Isuku
- Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye
- Imibereho y'Umuryango Nyarwanda

**IMIYOBORERE**

- Serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze
- Ubutabera
- Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi
- Umutekano
- Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa

Igice cya
# kabiri





1

# Inkingi y'ubukungu


# 1.1. UBUHINZI



## 1.1.1. Intangiriro

Abaturage bakora ubuhinzi babajijwe uko babona serivisi z'ubuhinzi zakoreweho ubushakashatsi arizo: kubona imbuto ku gihe, kubona ifumbire mva ruganda ku gihe, gukumira indwara z'ibihingwa, kubona imiti y'ibihingwa ku gihe, uburyo imiti ikoreshwa ihangana n'indwara z'ibihingwa, ubwanikiro rusange bw'umusaruro, isoko ry'umusaruro, gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi ndetse no kuhira imyaka.


**Ishusho 5: Ibyiciro by'abakora imirimo y'ubuhinzi**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri ubu bushakashatsi abaturage 80.9% (abagabo 46% n'abagore 54%) nibo bakoraga imirimo yerekeranye n'ubuhinzi muri rusange. Muri bo 22.5% ni urubyiruko, bikaba bigaragaza ko urubyiruko rugenda rubona ubuhinzi nk'amahirwe yo kwiteza imbere. Byongeye kandi, muri aba bakoraga imirimo yerekeranye n'ubuhinzi, 80.1% ni abatarize n'abarangije amashuri abanza gusa, barimo 18.4% b'urubyiruko (imyaka y'amavuko: 18-30).


**Ishusho 6: Urubyiruko rukora mu buhinzi hakurikijwe amashuri bize**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko urubyiruko rwinshi rukora ubuhinzi rufite amashuri abanza. Ibi bikomeje gutya, bishobora kuba imbogamizi ku ntego z'icyerekezo 2050, aho biteganijwe ko urwego rw'ubuhinzi ruzaba rwarahindutse cyane rukorwamo n'abahinzi babigize umwuga ndetse bakazaba bakora ubuhinzi bujyanye n'uruhererekane nyongeragaciro rw'ibikorwa by'inganda n'ubucuruzi.

### Ishusho 7: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubuhinzi muri rusange





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri rusange, serivisi z'ubuhinzi zashimwe ku gipimo cya 70.6%. Abagore n'abagabo bazishimye ku kigero kijya kuba kimwe.




**Ikarita 3: Uko abaturage bashima serivisi bahabwa mu buhinzi hakurikijwe uturere**




Abaturage bo mu Karere ka Kamonyi nibo bashimye serivisi z' ubuhinzi ku gipimo cyo hejuru cya 81.4%, naho mu turere twa Kicukiro na Kayonza niho abaturage bazishimye ku gipimo cyo hasi cya 59.6%.

## 1.1.2. Serivisi z'ubuhinzi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


**Ishusho 8: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuhinzi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali mu myaka ibiri**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## 1.1.3 Aho abaturage bakura amakuru yerekeranye n'ubuhinzi

**Ishusho 9:** **Aho abaturage bakura amakuru y'ubuhinzi**





Aho byavuye: Anketi ya RGB, 2025

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko abaturage benshi babona amakuru ajyanye n'ubuhinzi bayavanye ku bajyanama b'ubuhinzi.

## 1.1.4 Uko abaturage babona serivisi zitandukanye zo mu buhinzi

**Ishusho 10:** **Uko abaturage babona serivisi zitandukanye zo mu buhinzi**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko muri serivisi z'ubuhinzi zakoreweho ubushakashatsi, kubona ifumbire mvaruganda ku gihe no kubona imbuto kugihe arizo zishimwa ku bipimo biri hejuru bya 72.7% na 71.6%.

Ku rundi ruhande, serivisi z'isoko ry'umusaruro, gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi, ubwanikiro rusange bw'umusaruro no kuhira imyaka zashimwe n'abaturage ku bipimo biri munsi ya 50%.

**Ishusho 11: Uko abagabo n'abagore bashima serivisi zitandukanye zo mu buhinzi**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri rusange, ubu bushakashatsi bwagaragaje ko abagore n'abagabo bashimye serivisi z'ubuhinzi ku bipimo byegeranye.

## 1.1.5 Uko abaturage babona imikorere y'abatanga serivisi z'ubuhinzi

**Ishusho 12: Uko abaturage babona imikorere ya bamwe mu batanga serivisi z'ubuhinzi**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Abajyanama mu buhinzi nibo bashimwe n'abaturage kurusha abandi ku gipimo cya 77.3%. Ku rundi ruhande, abaguzi b'umusaruro nibo bashimwe ku gipimo cyo hasi cya 51.3%.

## 1.1.6. Inzitizi abaturage bagaragaje muri serivisi z'ubuhinzi

Muri ubu bushakashatsi kandi abaturage bagaragaje zimwe mu nzitizi zibangamira iterambere ry'ubuhinzi nk'uko bigaragazwa n'ishusho ikurikira:

**Ishusho 13: Inzitizi abaturage bagaragaje muri serivisi z'ubuhinzi**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

CRC 2025 yagaragaje ko imihindagurikire y'ikirere, indwara z'ibihingwa ndetse no kutagira uburyo bunoze bwo guhunika umusaruro wa bimwe mu bihingwa ari zo nzitizi ziganje mu kubangamira iterambere ry'ubuhinzi.

## 1.1.8. IBYIFUZONAMA

- Guteza imbere ubuhinzi buhangana n'imihindagurikire y'ikirere;
- Gukomeza gushyira imbaraga mu gukumira no kurwanya indwara z'ibihingwa hibandwa ku bushakashatsi mu buhinzi;
- Kongera umubare w'ubuhunikiro bw'umusaruro uturuka ku bihingwa byangirika vuba;
- Kongera inganda zitunganya umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi no kunoza imikorere yazo;
- Gukora ubukangurambaga bugamije kongera umubare w'abize amashuri makuru na kaminuza mu kwitabira ibikorwa by'ubuhinzi.

## Imbonerahamwe 9:
## Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubuhinzi

| Nº | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Kamonyi | 81.4% |
| 2 | Muhanga | 80.5% |
| 3 | Gisagara | 79.4% |
| 4 | Rulindo | 79.2% |
| 5 | Nyaruguru | 77.7% |
| 6 | Burera | 76.2% |
| 7 | Nyanza | 76.1% |
| 8 | Ngororero | 75.5% |
| 9 | Huye | 75.4% |
| 10 | Gakenke | 74.9% |
| 11 | Gasabo | 72.0% |
| 12 | Ruhango | 71.2% |
| 13 | Nyamagabe | 71.1% |
| 14 | Nyabihu | 70.2% |
| 15 | Rwamagana | 69.8% |
| 16 | Bugesera | 69.2% |
| 17 | Rubavu | 68.5% |
| 18 | Ngoma | 68.4% |
| 19 | Musanze | 68.2% |
| 20 | Gicumbi | 67.9% |
| 21 | Gatsibo | 67.6% |
| 22 | Rutsiro | 66.3% |
| 23 | Nyamasheke | 65.4% |
| 24 | Kirehe | 65.0% |
| 25 | Karongi | 64.7% |
| 26 | Rusizi | 63.4% |
| 27 | Nyagatare | 61.5% |
| 28 | Nyarugenge | 60.1% |
| 29 | Kicukiro | 59.6% |
| 30 | Kayonza | 59.6% |
| **IMPUZANDENGO** | | **70.6%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


# 1.2. UBWOROZI



## 1.2.1. Intangiriro

Ubworozi ni kimwe mu byiciro 16 byakoreweho ubushakashatsi. Abakora imirimo igendanye n'ubworozi babajijwe kuri ibi bikurikira: serivisi zirebana no kubangurira amatungo, kubona imiti y'amatungo ku gihe, gukingira amatungo, uburyo imiti ikoreshwa ihangana n'indwara z'amatungo, imibonekere y'ibiryo by'amatungo, imibonekere y'amazi y'amatungo, imikorere y'abavuzi b'amatungo, gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi n'isoko ry'ibikomoka ku bworozi.


**Ishusho 14: Abaturage bakora ubworozi**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri ubu bushakashatsi abaturage 54% nibo bakoraga imirimo yerekeranye n'ubworozi muri bo 21.6% ni urubyiruko. Mu bakoraga iyi mirimo kandi, abagabo bangana na 49% mu gihe abagore ari 51%. Byongeyeho kandi, muri aba bakoraga imirimo yerekeranye n'ubworozi, 79.4% ni abatarize n'abarangije amashuri abanza gusa.


**Ishusho 15: Urubyiruko rukora ubworozi hakurikijwe amashuri bize**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Kimwe no mu buhinzi, ubushakashatsi bugaragaza ko umubare munini w'urubyiruko ruri mu bworozi bize amashuri abanza gusa.


### Ishusho 16: Aborozi bafashe ubwishingizi bw'amatungo yabo




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


Ibyavuye mu bushakashatsi byagaragaje ko aborozi bafashe ubwishingizi bw'amatungo yabo ari 13.7% by'ababajijwe.

### Ishusho 17: Impamvu zo kudafata ubwishingizi bw'amatungo yabo




Kutagira amakuru ndetse n' ubwishingizi bw'amatungo ni zo zagaragajwe nk'impamvu nyamukuru zituma aborozi badafata ubwishingizi bw'amatungo yabo.

### Ishusho 18: Aborozi bafashe ubwishingizi bw'amatungo yabo





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko abaturage bishimiye serivisi z'ubworozi ku gipimo cya 76.5%. Abagore bashimye ku gipimo cya 77.3% naho abagabo bashima ku gipimo cya 75.6%.




**Ikarita 4: Uko abaturage bashima serivisi z'ubworozi muri rusange hakurikijwe uturere**




Abaturage bo mu turere dutandatu (Burera, Kamonyi, Rulindo, Gakenke, Gisagara, Nyanza ) bashimye serivisi z'ubworozi ku gipimo kiri hejuru ya 80%, aho Akarere ka Burera ariko kaje ku isonga mu kuzishima ku gipimo cya 84.7% mu gihe Akarere ka Kayonza ariho abaturage bazishimye ku gipimo cyo hasi cya 67.0%.

## 1.2.2. Serivisi z'ubworozi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


**Ishusho 19: Uko abaturage bashima serivisi z'ubworozi hakurikijwe intara n'Umujyi wa Kigali**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## 1.2.3. Uburyo abaturage bakoresha mu kubangurira amatungo

**Ishusho 20: Uburyo abaturage bakoresha mu kubangurira amatungo yabo**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Mu gihe gahunda ya Leta ari ugushishikariza abaturage guteresha intanga mu rwego rwo kuzamura umusaruro w'ubworozi no kwirinda indwara z'amatungo, ubu bushakashatsi bwagaragaje ko aborozi bakoresha ubu buryo bakiri bake ugereranije n'abakibangurira ku mfizi.

## 1.2.4. Uko abaturage babona serivisi zitandukanye z'ubworozi

**Ishusho 21: Uko abaturage babona serivisi zitadukanye z'ubworozi**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Serivisi yo gukingira amatungo niyo yaje imbere mu gushimwa n'abaturage ku gipimo cya 90%. Ku rundi ruhande, gutunganya no kongerera agaciro ibikomoka ku bworozi ni yo serivisi yashimwe ku gipimo cyo hasi cya 35.3%.

## 1.2.5. Uko abagabo n'abagore bashima serivisi zo mu  bworozi

**Ishusho 22: Uko abagabo n'abagore bashima serivisi zo mu bworozi**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri rusange, ubu bushakashatsi bwagaragaje ko abagore n'abagabo bashimye serivisi z'ubworozi ku bipimo byegeranye.

## 1.2.6 Uko abaturage babona imikorere y'abatanga serivisi z'ubworozi

**Ishusho 23: Uko abaturage babona imikorere ya bamwe mu batanga serivisi z'ubworozi**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko veterineri wikorera ari we abaturage bashima kurusha abandi mu batanga serivisi z'ubworozi. Ku rundi ruhande, servisi zitangwa n'abajyanama mu bworozi ntizari zizwi n'aborozi ku gipimo cya 21.7%.

## 1.2.7. Inzitizi zigaragara muri serivisi z'ubworozi

**Ishusho 24: Inzitizi zigaragara muri serivisi z'ubworozi**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Inzitizi zagaragajwe kurusha izindi ku gipimo kiri hejuru ya 70% ni: imihindagurikire y'ikirere, gutunganya no guhunika ibiryo by'amatungo bitaratera imbere, ibiryo by'amatungo bidahagije ndetse n'ubumenyi bw'abaturage mu kwita ku matungo yabo bukiri bukeya.

## 1.2.8. IBYIFUZONAMA

- Gukomeza guteza imbere imitunganyirize n'imihunikire y'ibiryo by'amatungo;
- Kongerera aborozi ubumenyi bwo kwita ku matungo, gukumira no kurwanya indwara zayo;
- Gukangurira abashoramari kwegereza aborozi inganda zitunganya zikanongerera agaciro ibikomoka ku bworozi;
- Gukora ubukangurambaga bugamije kongera umubare w'abize amashuri makuru na kaminuza mu kwitabira ibikorwa by'ubworozi.

### Imbonerahamwe 10:
### Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubworozi

| N° | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Burera | 84.7% |
| 2 | Kamonyi | 82.5% |
| 3 | Rulindo | 82.3% |
| 4 | Gakenke | 81.5% |
| 5 | Gisagara | 80.2% |
| 6 | Nyanza | 80.2% |
| 7 | Nyabihu | 79.5% |
| 8 | Musanze | 79.5% |
| 9 | Gasabo | 78.7% |
| 10 | Muhanga | 78.5% |
| 11 | Nyamasheke | 78.1% |
| 12 | Gicumbi | 77.1% |
| 13 | Ngoma | 76.7% |
| 14 | Huye | 76.1% |
| 15 | Gatsibo | 76.1% |
| 16 | Kirehe | 75.7% |
| 17 | Nyaruguru | 75.2% |
| 18 | Ruhango | 75.0% |
| 19 | Rusizi | 74.3% |
| 20 | Rubavu | 74.2% |
| 21 | Rwamagana | 73.9% |
| 22 | Nyamagabe | 73.4% |
| 23 | Nyarugenge | 72.9% |
| 24 | Ngororero | 72.8% |
| 25 | Rutsiro | 71.8% |
| 26 | Nyagatare | 71.6% |
| 27 | Kicukiro | 71.4% |
| 28 | Bugesera | 70.6% |
| 29 | Karongi | 68.7% |
| 30 | Kayonza | 67.0% |
| **IMPUZANDENGO** | | **76.5%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


# 1.3. IBIKORWAREMEZO



## 1.3.1. Intangiriro

Bimwe mu byihutisha iterambere ry'ibihugu, ni ukugira ibikorwaremezo bihagije, bimeze neza kandi bisaranganyije neza mu gihugu hose. Mu rwego rwo kureba uko Igihugu cyacu gihagaze, ubu bushakashatsi bwibanze kuri serivisi z'ibikorwaremezo by'amazi, amashanyarazi, ndetse n'imihanda n'amateme.

**Ishusho 25: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ibikorwaremezo muri rusange**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Abaturage bashimye serivisi z'ibikorwaremezo ku gipimo cya 66.4%. Abagore bashimye izi serivisi ku gipimo cya 67.3%, naho abagabo bazishima ku gipimo cya 65.3%.




**Ikarita 5: Uko abaturage bashima serivisi bahabwa mu bikorwaremezo hakurikijwe uturere**




Abaturage bo mu turere twa Kicukiro na Nyarugenge nibo bashimye serivisi z'ibikorwaremezo ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Ku rundi ruhande, abaturage bo mu turere dutandatu (Nyamasheke, Ngororero, Musanze, Karongi, Rutsiro, Nyamagabe) niho abaturage bashimye izi serivisi ku bipimo biri hagati ya 55% na 60%.

## 1.3.2. Uko abaturage bashima ibikorwaremezo hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


**Ishusho 26: Uko abaturage bashima ibikorwaremezo hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

### 1.3.3. Uko abaturage babona serivisi z'amazi

**Ishusho 27:** Uko abaturage babona serivisi z'amazi




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Abaturage bafite amazi mu rugo, bashimye serivisi yo kubona inyemezabuguzi ku gipimo cyo hejuru cya 89.9%, mu gihe bashimye imibonekere y'amazi ku gipimo cyo hasi cya 54.4%.



**Imbonerahamwe 11:**
**Ababona amazi meza aho batuye hakurikijwe uturere**

| Nº | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 96.4% |
| 2 | Nyarugenge | 93.4% |
| 3 | Gasabo | 89.7% |
| 4 | Rubavu | 89.0% |
| 5 | Gakenke | 83.6% |
| 6 | Kamonyi | 83.5% |
| 7 | Rusizi | 82.3% |
| 8 | Rulindo | 81.1% |
| 9 | Kirehe | 80.2% |
| 10 | Gicumbi | 79.5% |
| 11 | Bugesera | 78.2% |
| 12 | Huye | 77.2% |
| 13 | Gatsibo | 77.0% |
| 14 | Burera | 76.9% |
| 15 | Kayonza | 75.9% |
| 16 | Rwamagana | 74.7% |
| 17 | Nyamasheke | 74.2% |
| 18 | Nyanza | 74.0% |
| 19 | Ngoma | 71.1% |
| 20 | Nyagatare | 69.7% |
| 21 | Rutsiro | 68.4% |
| 22 | Karongi | 67.1% |
| 23 | Gisagara | 65.4% |
| 24 | Muhanga | 62.3% |
| 25 | Nyabihu | 61.4% |
| 26 | Ngororero | 59.7% |
| 27 | Musanze | 59.3% |
| 28 | Nyaruguru | 58.6% |
| 29 | Ruhango | 51.2% |
| 30 | Nyamagabe | 45.6% |
| **BOSE HAMWE** | | **74.3%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


## 1.3.4. Serivisi z'amashanyarazi

**Imbonerahamwe 12:**
**Abaturage bafite amashanyarazi hakurikijwe uturere**

| Nº | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Nyarugenge | 98.4% |
| 2 | Kicukiro | 97.2% |
| 3 | Rusizi | 86.9% |
| 4 | Gasabo | 85.4% |
| 5 | Rubavu | 81.2% |
| 6 | Rwamagana | 80.1% |
| 7 | Burera | 77.2% |
| 8 | Rutsiro | 77.0% |
| 9 | Bugesera | 76.0% |
| 10 | Gakenke | 75.9% |
| 11 | Ngoma | 73.2% |
| 12 | Muhanga | 73.2% |
| 13 | Gicumbi | 72.9% |
| 14 | Musanze | 71.9% |
| 15 | Rulindo | 71.8% |
| 16 | Kamonyi | 71.8% |
| 17 | Kirehe | 70.0% |
| 18 | Nyamasheke | 69.3% |
| 19 | Nyagatare | 68.9% |
| 20 | Nyanza | 67.8% |
| 21 | Ruhango | 66.6% |
| 22 | Ngororero | 65.2% |
| 23 | Nyabihu | 64.8% |
| 24 | Huye | 60.8% |
| 25 | Kayonza | 60.0% |
| 26 | Karongi | 57.6% |
| 27 | Nyaruguru | 57.4% |
| 28 | Nyamagabe | 55.6% |
| 29 | Gisagara | 54.6% |
| 30 | Gatsibo | 51.7% |
| **BOSE HAMWE** | | **71.8%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

**Ishusho 28: Uko abaturage babona serivisi z'amashanyarazi**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Mu bijyanye n'amashanyarazi, serivisi yashimwe cyane ni iy'uburyo bwo kwishyura amashanyarazi ku gipimo cya 89.7%. Serivisi yo gusana imiyoboro y'amashanyarazi na mubazi ni yo yashimwe ku gipimo cyo hasi cya 74.3%.%.

## 1.3.5. Imihanda n'amateme

**Ishusho 29: Uko abaturage babona ibikorwaremezo by'imihanda n'amateme**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ku bijyanye na serivisi z'ibikorwaremezo by'imihanda n'amateme, abaturage bashimye ko imihanda igera aho abaturage batuye ku gipimo cyo hejuru cya 74.8%, naho uburyo imihanda n'amateme bikoze ndetse no kubisana igihe byangiritse bishimwa ku gipimo biri hagati ya 40% na 50%.

## 1.3.6. Inzitizi zagaragajwe n'abaturage mu bikorwaremezo

**Ishusho 30: Inzitizi abaturage babona mu bikorwaremezo**




Inzitizi yagaragajwe kurusha izindi mu bikorwaremezo ni ijyanye n'ibiza byangiza ibikorwaremezo aho iri ku gipimo cya 63.8%. Ibura ry'amazi rya hato na hato ndetse n'imihanda n'amateme byasenyutse ntibisanywe nazo ni inzitizi zagaragajwe cyane kuko ziri ku gipimo kiri hejuru ya 50%.

## 1.3.7. IBYIFUZONAMA


- Kubaka ibikorwaremezo bibasha guhangana n'ingaruka z'ibiza;
- Kwihutisha ishyirwamubikorwa ry'ingamba zo gukemura ikibazo cy'ibura ry'amazi;
- Gukomeza kwegereza abaturage amazi n' amashanyarazi ndetse no kunoza serivisi zo gusana imiyoboro;
- Gukomeza kubaka imihanda n'amateme aho bitaragera ndetse no gusana iyangiritse.

**Imbonerahamwe 13:**
**Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ibikorwaremezo**

| N° | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 82.5% |
| 2 | Nyarugenge | 81.5% |
| 3 | Kamonyi | 74.2% |
| 4 | Ngoma | 73.7% |
| 5 | Gasabo | 72.9% |
| 6 | Burera | 71.9% |
| 7 | Rubavu | 71.9% |
| 8 | Nyanza | 70.2% |
| 9 | Bugesera | 69.8% |
| 10 | Gakenke | 69.2% |
| 11 | Kirehe | 69.0% |
| 12 | Gicumbi | 68.7% |
| 13 | Gisagara | 66.8% |
| 14 | Muhanga | 66.1% |
| 15 | Huye | 65.6% |
| 16 | Nyagatare | 65.5% |
| 17 | Rwamagana | 65.5% |
| 18 | Rulindo | 64.9% |
| 19 | Nyaruguru | 62.2% |
| 20 | Gatsibo | 61.7% |
| 21 | Ruhango | 61.7% |
| 22 | Rusizi | 61.3% |
| 23 | Kayonza | 60.7% |
| 24 | Nyabihu | 60.6% |
| 25 | Nyamasheke | 59.7% |
| 26 | Ngororero | 57.6% |
| 27 | Musanze | 56.8% |
| 28 | Karongi | 56.8% |
| 29 | Rutsiro | 55.7% |
| 30 | Nyamagabe | 55.2% |
| **BOSE HAMWE** | | **66.4%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


# 1.2.
# IKORANABUHANGA N'ITUMANAHO



## 1.4.1. Intangiriro

Mu cyiciro cya kabiri cya Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha iterambere (NST2), biteganyijwe ko muri 2029, serivisi zose za leta zizaba zatangwa hifashishijwe ikoranabuhanga mu rwego rwo gukomeza kunoza imitangire ya serivisi. Muri ubu bushakashatsi hasuzumwe uko abaturage babona bimwe mu bikorwa na serivisi by'ikoranabuhanga n'itumanaho bikurikira: interineti, telefoni, radiyo, televiziyo, ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego mu rwego rw'ubutabera (IECMS), kwishyura no guhererekanya amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga, urubuga rw'irembo ndetse n'inzitizi abaturage bahura nazo mu mikoreshereze y'ikoranabuhanga n'itumanaho.


**Ishusho 31: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho muri rusange**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri rusange, serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho zashimwe ku gipimo cya 73.4%, aho abagabo n'abagore bazishimye ku kigero kimwe.


Ikarita 6: **Uko abaturage bashima serivisi bahabwa mu Ikoranabuhanga n'Itumanaho hakurikijwe uturere**




Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho zashimwe n'abaturage ku gipimo kiri hejuru ya 75% mu turere icumi (10), aho Akarere ka Nyarugenge kaje ku isonga ku gipimo cya 80.9% naho Akarere ka Rusizi kakaba ari ko kaje inyuma ku gipimo cya 64.9%.

## 1.4.2. Ikoranabuhanga n'itumanaho hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


Ishusho 32: **Uko abaturage babona serivisi z'ikoranabuhanga hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


## 1.4.2. 1.4.3. Imibonekere ya rezo y'imwe mu miyoboro y'ikoranabuhanga n'itumanaho ikoreshwa mu gutanga serivisi

**Ishusho 33: Uko abaturage babona imibonekere ya rezo y'imwe mu miyoboro y'ikoranabuhanga n'itumanaho ikoreshwa mu gutanga serivisi**




Mu miyoboro y'itumanaho abaturage bakoresha, imibonekere ya rezo ya radiyo zo mu Rwanda ni yo yashimwe ku gipimo cyo hejuru cya 77.7%, umuyoboro wa interineti ushimwa ku gipimo cyo hasi cya 53.6%.

**Ishusho 34: Uko urubyiruko rubona imibonekere ya rezo ya interineti**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Biragaragara ko nta tandukaniro ryaje hagati y'urubyiruko n'abandi baturage mu gushima imibonekere ya rezo ya interineti.

## 1.4.4. Urubuga rw'Irembo

Urubuga rw'Irembo ni umuyoboro w'ikoranabuhanga washyizweho nk'uburyo bwo gufasha abaturage kubona serivisi za Leta mu buryo bworoshye, bunoze kandi bwizewe. Muri ubu bushakashatsi, harebwe uko abaturage bazi urubuga rw'Irembo, uburyo barukoresha n'uko babona serivisi zitangwa hifashishijwe Irembo.

Ishusho 35: **Uko abagabo n'abagore bazi urubuga rw'Irembo.**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ibyavuye mu bushakashatsi byerekanye ko abaturage bazi serivisi z'Irembo ku gipimo cyo hejuru, aho kiri kuri 92.4%.

### 1.4.4.1. Uburyo abaturage bakoresha serivisi z'Irembo


Ishusho 36: **Uburyo abaturage bakoresha serivisi z'Irembo**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Kugana abatanga serivisi z'Irembo (agents) ni bwo buryo bukomeje gukoreshwa cyane n'abaturage kuko bari ku gipimo cya 91.6%, mu gihe abisabira serivisi bari ku bipimo kiri hasi cyane cya 8.4%. Ibi birerekana ko abaturage bataragera ku rwego rwo kubyikorera nk'uko biri muri gahunda ya minisiteri ifite ikorabuhanga mu nshingano.

**Ishusho 37: Uburyo urubyiruko rukoresha serivisi z'Irembo**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Kimwe n'abandi baturage, abenshi mu rubyiruko (86.1%) iyo bakeneye serivisi z'Irembo bagana aba ajenti. Ibi bisobanuye ko ubumenyi ku mikoreshereze y'ikoranabuhanga (digital literacy) bukiri hasi mu rubyiruko bituma gahunda ya "byikorere" itihuta nk'uko byari biteganyijwe.

## 1.4.4.2. Uko abaturage babona serivisi z'Irembo

**Ishusho 38: Uko abaturage babona serivisi z'Irembo**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Abaturage bakoresha serivisi z'Irembo bazishimye ku bipimo biri hejuru 80%.

## 1.4.5. Imikorere y'ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego mu rwego rw'Ubutabera

**Ishusho 39: Uko abaturage babona imikorere y'ikoranabuhanga mu gutanga no gukurikirana ikirego mu rwego rw'ubutabera**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Abaturage bakoresheje ikoranabuhanga ryo gutanga no gukurikirana ikirego mu rwego rw'ubutabera (IECMS) bashimye imikorere yaryo ku gipimo cya 79.0%.

## 1.4.6. Imikorere yo kwishyura no guhererekanya amafaranga hifashishijwe telefoni

**Ishusho 40: Uko abaturage babona serivisi zo kwishyura no guhererekanya amafaranga hifashishijwe telefoni**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Mu bijyanye no kwishyura no guhererekanya amafaranga hifashishijwe telefoni, byagaragaye ko abaturage bishimiye umutekano w'amafaranga yabo ku gipimo cyo hejuru cya 89.3%, ariko abaturage bagera kuri 37.8% bagaragaje ko ibiciro bya serivisi zo guhererekanya amafaranga biri hejuru.

## 1.4.7. Inzitizi mu ikoranabuhanga n'itumanaho

**Ishusho 41: Inzitizi mu ikoranabuhanga n'itumanaho**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubumenyi budahagije mu kwisabira serivisi z'Irembo ndetse n'ibijyanye no kwigisha abaturage iby'ibanze ku mikoreshereze y'ikoranabuhanga bidahagije ni zo nzitizi zagaragajwe ku bipimo biri hejuru kurusha izindi.

## 1.4.8. IBYIFUZONAMA

- Kongera imbaraga mu guhugura abaturage ku mikoreshereze y'ikoranabuhanga ry'ibanze kugirango gahunda ya "Byikorere" ishoboke;
- Kongera ubushobozi bwa interineti (internet) na rezo telefoni;
- Inzego zibishinzwe zikwiye gusuzuma ibiciro bya serivisi z'ikoranabuhanga kugirango ubwitabire mu gukoresha serivisi z'ikoranabuhanga bwiyongere.

**Imbonerahamwe 14:**
**Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ikoranabuhanga n'itumanaho**

| Nº | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Nyarugenge | 80.9% |
| 2 | Kicukiro | 80.4% |
| 3 | Nyanza | 77.5% |
| 4 | Muhanga | 77.4% |
| 5 | Burera | 77.4% |
| 6 | Kamonyi | 76.7% |
| 7 | Nyabihu | 76.0% |
| 8 | Gakenke | 75.5% |
| 9 | Gasabo | 75.2% |
| 10 | Ruhango | 75.0% |
| 11 | Gisagara | 74.9% |
| 12 | Nyagatare | 74.4% |
| 13 | Rubavu | 74.3% |
| 14 | Gicumbi | 74.0% |
| 15 | Huye | 73.7% |
| 16 | Nyaruguru | 72.5% |
| 17 | Rulindo | 71.8% |
| 18 | Ngororero | 71.5% |
| 19 | Musanze | 71.5% |
| 20 | Gatsibo | 71.3% |
| 21 | Bugesera | 71.2% |
| 22 | Ngoma | 70.9% |
| 23 | Rutsiro | 70.4% |
| 24 | Karongi | 70.3% |
| 25 | Rwamagana | 70.0% |
| 26 | Nyamasheke | 69.9% |
| 27 | Nyamagabe | 69.2% |
| 28 | Kirehe | 69.0% |
| 29 | Kayonza | 67.3% |
| 30 | Rusizi | 64.9% |
| **IMPUZANDENGO** | | **73.4%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

# 1.5.
# UBUTAKA, IMITURIRE N’IBIDUKIKIJE




## 1.5.1. Intangiriro

Serivisi z'ubutaka n'imiturire zakozweho ubushakashakatsi zirimo: kwandikisha ubutaka, gutanga ibyangombwa by'ubutaka, guhererekanya uburenganzira ku butaka, kubona amakuru ku gishushanyo mbonera, gukumira imyubakire y'akajagari, kurwanya imiturire yo mu manegeka, kubona icyangombwa cyo gusana no kubaka, gahunda yo gutuza abantu mu midugudu ndetse no kugeza ibikorwaremezo by'ibanze ahagenewe guturwa.

Ku bijyanye n'ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije, hasuzumwe gucukura imirwanyasuri, kubungabunga amashyamba, gufata amazi ava mu ngo z'abaturage, gukoresha gaz n'ubundi buryo burengera ibidukikije mu guteka, gusiba ibyobo ahacukuwe kariyeri, ibumba n'amabuye y'agaciro, kubahiriza metero zagenwe mu kubungabunga ibishanga, imigezi n'inzuzi ndetse n'imicungire n'imikoreshereze y'imyanda.


**Ishusho 42: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubutaka, imiturire n'ibidukikije muri rusange**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubushakashatsi bwagaragaje ko abaturage bashima serivisi z'ubutaka, imiturire n'ibidukikije ku gipimo cya 65.7%. Abagore bazishimye ku gipimo cya 67.2% naho abagabo bazishima ku gipimo cya 63.9%


**Ikarita 7: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutaka, imiturire n'ibidukikije hakurikijwe uturere**




Ubushakashatsi bwagaragaje ko nta karere na kamwe abaturage bashimye serivisi z'ubutaka, imiturire n'ibidukikije ku gipimo nibura cya 75% aho Akarere ka Gisagara ariko kaje imbere mu gushima izi serivisi ku gipimo cya 73.5%.

## 1.5.2. Serivisi z'ubutaka, imiturire n'ibidukikije hakurikijwe intara n'Umujyi wa Kigali


**Ishusho 43: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutaka, imiturire n'ibidukikije hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## 1.5.3. Serivisi z'ubutaka n'imiturire zakoreweho ubushakashatsi

**Ishusho 44: Uko abaturage babona serivisi z'ubutaka n'imiturire zakoreweho ubushakashatsi**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko serivisi zo kurwanya imiturire yo mu manegeka, gahunda yo gutuza abantu mu midugudu ndetse no gukumira imyubakire y'akajagari arizo zashimwe ku gipimo kiri hejuru ya 75%.

Ku rundi ruhande, serivisi zijyanye no kugeza ibikorwaremezo by'ibanze ahagenewe guturwa, gukosoza icyangombwa cy'ubutaka ndetse no kubona amakuru ku gishushanyo mbonera nizo zashimwe ku bipimo biri munsi ya 50%.

## 1.5.4. Uko abaturage babona ibikorwa bibungabunga ibidukikije

**Ishusho 45: Uko abaturage babona bimwe mu bikorwa byo kubungabunga ibidukikije**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubushakashatsi bwagaragaje ko gutera ibiti no kubyitaho, kubungabunga amashyamba ndetse no gucukura imirwanyasuri ari byo bishimwa n'abaturage ku bipimo biri hejuru ya 75%.

### 1.5.5. Inzitizi zagaragajwe muri serivisi z'ubutaka, imiturire n'ibidukikije

**Ishusho 46: Inzitizi zagaragajwe muri serivisi z'ubutaka n'imiturire**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Iminsi mike yagenewe serivisi z'ubutaka, kutabona amakuru ku cyo ubutaka bugenewe gukoreshwa ndetse no kutubahiriza igihe cyagenwe cyo gutanga serivisi z'ubutaka ni zo nzitizi zagaragajwe n'abaturage kurusha izindi ku bipimo biri hagati ya 50% na 60%.

### 1.5.6. IBYIFUZONAMA

- Kwihutisha ishyirwaho ry'ibishushanyo byihariye by'imikoreshereze y'ubutaka (Physical plans) no kubimenyekanisha;
- Gukemura ibibazo bituma serivisi z'ubutaka zidatangwa uko bikwiye;
- Kunoza igenamigambi n'iyubakwa ry'ibikorwaremezo by'ahagenewe guturwa;
- Gushyira imbaraga mu gushaka ibicanwa bitangiza ibidukikije kandi bihendukiye abaturage.

**Imbonerahamwe 15:**
**Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubutaka n'imiturire**

| N° | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Gisagara | 73.5% |
| 2 | Gakenke | 72.8% |
| 3 | Burera | 70.2% |
| 4 | Musanze | 70.2% |
| 5 | Muhanga | 69.8% |
| 6 | Ngororero | 69.8% |
| 7 | Nyaruguru | 69.5% |
| 8 | Kicukiro | 69.0% |
| 9 | Nyanza | 69.0% |
| 10 | Rulindo | 68.9% |
| 11 | Huye | 68.8% |
| 12 | Nyabihu | 67.9% |
| 13 | Ngoma | 67.7% |
| 14 | Gicumbi | 67.5% |
| 15 | Kamonyi | 67.4% |
| 16 | Nyagatare | 67.4% |
| 17 | Nyamasheke | 67.0% |
| 18 | Kirehe | 66.4% |
| 19 | Nyarugenge | 66.2% |
| 20 | Rusizi | 65.6% |
| 21 | Nyamagabe | 65.1% |
| 22 | Rubavu | 64.3% |
| 23 | Bugesera | 64.2% |
| 24 | Ruhango | 63.4% |
| 25 | Rwamagana | 61.1% |
| 26 | Karongi | 60.7% |
| 27 | Gasabo | 59.6% |
| 28 | Rutsiro | 59.0% |
| 29 | Kayonza | 54.6% |
| 30 | Gatsibo | 54.3% |
| **IMPUZANDENGO** | | **65.7%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


# 1.6. URWEGO RW' ABIKORERA



## 1.6.1. Intangiriro

Urwego rw'abikorera rugira uruhare runini mu iterambere ry'igihugu ndetse n'imibereho myiza y'abaturage muri rusange. Muri ubu bushakashatsi, abaturage bagaragaje uko babona zimwe muri serivisi bagezwaho n'abikorera arizo: gutwara abantu mu buryo bwa rusange, gutwara abantu kuri moto, ubucuruzi bwo mu isoko no mu maduka, guhererekanya amafaranga hifashishijwe telefoni, ibimina, SACCO, banki z'ubucuruzi, ibigo by'imari iciriritse, ndetse n'imikorere y'amakoperative.

**Ishusho 47: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'urwego rw'abikorera muri rusange**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Serivisi z'abikorera zashimwe ku gipimo cya 73.3%. Abagore bazishimye ku gipimo cya 74.4% naho abagabo ku gipimo cya 72.1%.




**Ikarita 8: Ikarita 8: Uko abaturage bashima serivisi z'abikorera hakurikijwe uturere**




Mu turere twa Kicukiro na Nyarugenge ni ho abaturage bashimye serivisi z'abikorera ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Ku rundi ruhande, mu karere ka Kayonza niho izi serivisi zashimwe ku gipimo cyo hasi cya 62.6%.

## 1.6.2. Serivisi z'urwego rw'abikorera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


**Ishusho 48: Uko abaturage bashima serivisi z'urwego rw'abikorera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## 1.6.3. Uko abaturage babona serivisi z'abikorera

**Ishusho 49: Uko abaturage babona serivisi z' abikorera**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Nk'uko bigaragara mu ishusho iri hejuru, gutwara abantu kuri moto niyo serivisi yashimwe ku gipimo cyo hejuru cya 73.5%. Ku rundi ruhande, 53.7% bagaragaje ko batishimiye serivisi yo gutwara abantu muri bisi.

## 1.6.4. Gukorana n'ibigo by'imari


**Ishusho 50: Uko abagabo n'abagore bakorana n'ibigo by'imari bitandukanye**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubushakashatsi bwagaragaje ko abaturage benshi bakorana na Mobile Money cyangwa Airtel Money ndetse n'ibimina kurusha ibindi bigo by'imari haba ku bagabo ndetse no ku bagore.

**Ishusho 51: Uko urubyiruko rukorana n'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Kimwe no ku bandi baturage, urubyiruko rukoresha cyane Mobile money cyangwa Airtel money ugereranije n'ibindi bigo by'imari.

## 1.6.5. Uburyo abaturage bakoresha mu kwizigamira

**Ishusho 52: Uburyo abaturage bakoresha mu kwizigamira**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko abaturage bafite uburyo bwo kwizigamira ari 83.4%, aho abenshi muri bo bangana na 82.6% bizigamira mu bimina/amatsinda.

## 1.6.6. Serivisi z'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse

**Ishusho 53: Uko abaturage babona serivisi bahabwa n'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri rusange serivisi z'amabanki n'ibigo by'imari iciriritse zashimwe ku bipimo biri hejuru ya 85%, aho serivisi za Mobile Money cyangwa Airtel Money ari zo zashimwe cyane ku gipimo cya 94.1%.

## 1.6.7. Imikorere y'amakoperative


**Ishusho 54: Uko abanyamuryango b'amakoperative babona imikorere yayo**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Abanyamuryango b'amakoperative bashimye imikorere yayo ku gipimo cya 85.2%.

**Ishusho 55: Imbogamizi mu mikorere y'amakoperative**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Inzitizi yagaragajwe kurusha izindi mu mikorere y'amakoperative ni imicungire itanoze yayo.

## 1.6.8. IBYIFUZONAMA

- Kunoza serivisi zo gutwara abantu mu buryo bwa rusange cyane cyane mu ma bisi;
- Kubaka umuco wo gutanga serivisi inoze cyane cyane mu mahoteri, resitora, utubari n'amasoko;
- Kunoza no gukurikirana imiyoborere, imicungire n'imikorere y'amakoperative.

## Imbonerahamwe 16:
## Uko uturere duhagaze muri serivisi z'abikorera

| Nº | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 81.6% |
| 2 | Nyarugenge | 80.9% |
| 3 | Burera | 79.8% |
| 4 | Kamonyi | 79.7% |
| 5 | Bugesera | 76.7% |
| 6 | Nyanza | 75.9% |
| 7 | Gisagara | 75.7% |
| 8 | Musanze | 75.6% |
| 9 | Kirehe | 75.2% |
| 10 | Ngoma | 74.8% |
| 11 | Gasabo | 74.5% |
| 12 | Rulindo | 74.5% |
| 13 | Gicumbi | 74.4% |
| 14 | Nyamasheke | 74.0% |
| 15 | Rubavu | 73.6% |
| 16 | Nyagatare | 73.4% |
| 17 | Gakenke | 73.3% |
| 18 | Nyabihu | 73.2% |
| 19 | Nyaruguru | 73.0% |
| 20 | Muhanga | 71.9% |
| 21 | Ruhango | 71.9% |
| 22 | Huye | 70.9% |
| 23 | Nyamagabe | 70.2% |
| 24 | Gatsibo | 69.5% |
| 25 | Rusizi | 68.8% |
| 26 | Karongi | 68.6% |
| 27 | Rwamagana | 68.1% |
| 28 | Ngororero | 66.3% |
| 29 | Rutsiro | 65.9% |
| 30 | Kayonza | 62.6% |
| **IMPUZANDENGO** | | **73.3%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

2

# Inkingi yo Kwita ku mibereho myiza y'abaturage



# 2.1. UBUREZI




## 2.1.1 Intangiriro

Uburezi bufite ireme kuri bose, ni imwe mu ntego z'icyerekezo 2050. Ni muri urwo rwego, uburezi bwibanda mu kubaka ubushobozi bukenewe ku isoko ry'umurimo. Leta y' u Rwanda ikomeje gufata ingamba zitandukanye kugira ngo urwego rw'uburezi rugire uruhare mu iterambere ry'ubukungu bushingiye ku bumenyi.

Niyo mpamvu ubu bushakashatsi bwibanda kuri serivisi na gahunda zikurikira: inyubako z'amashuri, amazi meza ku mashuri, amashanyarazi ku mashuri, isuku ku mashuri, gutanga ifunguro rya saa sita ku banyeshuri, kugabanya ubucucike bw'abana mu mashuri, imyigire y'abana, uruhare rw'ababyeyi mu myigire y'abana, uruhare rwa komite y'ababyeyi n'abarimu (PTA) mu micungire y'amashuri, uruhare rw'abayobozi b'amashuri mu micungire n'imikorere y'amashuri n'imyitwarire y'abarimu mu mashuri.


**Ishusho 56: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'uburezi muri rusange**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Abaturage bashimye serivisi na guhunda z'uburezi ku gipimo cya 79.4%, aho abagabo n'abagore bazishimye ku kigero kimwe.


**Ikarita 9: Uko abaturage bashima serivisi z'uburezi hakurikijwe uturere**




Ubu bushakasatsi bwagaragaje ko uturere cumi na turindwi (17) ari two abaturage bashima serivisi na gahunda z'uburezi ku gipimo kiri hejuru ya 80%, aho Akarere ka Kicukiro ari ko kaza ku isonga ku gipimo cya 87.5% mu gihe Akarere ka Kayonza ari ko izi serivisi zishimwa ku gipimo cyo hasi cya 66.8%.

## 2.1.2. Serivisi z'uburezi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


**Ishusho 57: Uko abaturage bashima serivisi z'uburezi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## 2.1.3. Ibikorwaremezo na zimwe muri gahunda na serivisi zo mu rwego rw'uburezi


**Ishusho 58: Uko abaturage babona ibikorwaremezo na zimwe muri gahunda na serivisi zo mu rwego rw'uburezi**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri iyi CRC 2025, abaturage bashimye isuku ku mashuri, uruhare rw'abayobozi b'amashuri mu micungire n'imikorere y'amashuri, amashanyarazi ku mashuri ndetse n'inyubako z'amashuri ziboneye ku bipimo biri hejuru ya 85%. Ku rundi ruhande, abaturage bari ku gipimo cya 38.3% bagaragaje ko ibyumba by'amashuri bidahagije.

**Ishusho 59: Uko abagabo n'abagore bashima ibikorwaremezo na zimwe muri gahunda na serivisi zo mu rwego rw'uburezi**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko abagore n'abagabo bashimye ibikorwaremezo na zimwe muri gahunda na serivisi zo mu rwego rw'uburezi ku bipimo byegeranye.

## 2.1.4. Inzitizi zibangamira urwego rw'uburezi


**Ishusho 60: Inzitizi abaturage babona zikiri mu burezi**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Abana bata ishuri ni inzitizi ikomeje kuza imbere mu bibangamira iterambere ry'uburezi aho iri ku gipimo cya 75.9%.

**Ishusho 61: Impamvu zitera abana guta ishuri**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Impamvu zitera abana guta ishuri zagaragajwe kurusha izindi ni: abangavu baterwa inda, amakimbirane yo mu miryango, kutuzuza inshingano z'ababyeyi zo kurera ndetse n'imyumvire ikiri hasi ya bamwe mu babyeyi ku kamaro k'uburezi. Izi mpamvu zose zituma abana bata ishuri zibangamira kugera ku ntego y'uburezi kuri bose, by'umwihariko ku bana b'abakobwa.

## 2.1.5. IBYIFUZONAMA

- Guhangana n'ikibazo cy'abana bata ishuri hibandwa mu gukemura ibibazo byugarije imiryango cyane cyane itishoboye;
- Gukangurira ababyeyi kugira uruhare rugaragara mu burezi n'uburere bw'abana;
- Gukomeza kugeza ibikorwaremezo by'amazi n'amashanyarazi mu mashuri aho bitaragera;
- Kongera umubare w'ibyumba by'amashuri mu rwego rwo kugabanya ubucucike bw'abana mu mashuri.

## Imbonerahamwe 17:
## Uko uturere duhagaze muri serivisi z'uburezi

| Nº | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 87.5% |
| 2 | Burera | 84.4% |
| 3 | Nyarugenge | 84.2% |
| 4 | Nyaruguru | 84.2% |
| 5 | Gisagara | 83.9% |
| 6 | Rulindo | 83.9% |
| 7 | Nyamasheke | 82.8% |
| 8 | Gakenke | 82.7% |
| 9 | Rubavu | 82.6% |
| 10 | Bugesera | 81.9% |
| 11 | Nyanza | 81.8% |
| 12 | Muhanga | 81.5% |
| 13 | Gasabo | 81.4% |
| 14 | Gicumbi | 81.4% |
| 15 | Kamonyi | 80.9% |
| 16 | Nyabihu | 80.9% |
| 17 | Huye | 80.1% |
| 18 | Musanze | 79.6% |
| 19 | Ngoma | 79.2% |
| 20 | Rusizi | 77.9% |
| 21 | Ruhango | 77.0% |
| 22 | Nyagatare | 76.7% |
| 23 | Rutsiro | 76.5% |
| 24 | Rwamagana | 75.5% |
| 25 | Karongi | 75.3% |
| 26 | Nyamagabe | 74.3% |
| 27 | Kirehe | 74.3% |
| 28 | Ngororero | 73.2% |
| 29 | Gatsibo | 70.9% |
| 30 | Kayonza | 66.8% |
| **BOSE HAMWE** | | **79.4%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


# 2.2. UBUZIMA



## 2.2.1. Intangiriro

Serivisi z'ubuzima zigenda zirushaho kwegerezwa abaturage. Muri iki cyiciro, CRC 2025 yibanze kuri serivisi zikurikira: kwakira no kwita ku barwayi, ubwisungane mu kwivuza, kubona imiti, ibikorwaremezo n'ibikoresho by'amavuriro, abaganga bahagije, kuboneza urubyaro, abajyanama b'ubuzima, gukingira indwara, ubukangurambaga mu birebana n'imirire, serivisi z'imbangukiragutabara, kwita ku bagore batwite n'ububyaza, kwishyuza kwa muganga ndetse n'imikorere y'umukozi ushinzwe mituweli kwa muganga.

**Ishusho 62:** **Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubuzima muri rusange**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Serivisi z'ubuzima zashimwe n'abaturage ku gipimo cya 72.4%, aho abagore bazishimye ku gipimo cya 72.5% naho abagabo bazishima ku gipimo cya 72.2%.




**Ikarita 10: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuzima hakurikijwe uturere**




Mu turere dutandatu (Gakenke, Burera, Nyaruguru, Gisagara, Nyabihu na Rulindo) niho serivisi z'ubuzima zashimwe ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Ku rundi ruhande, mu turere twa Gasabo, na Kayonza niho izo serivisi zashimwe ku gipimo kiri munsi ya 65%.

## 2.2.2. Serivisi z'ubuzima ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali

**Ishusho 63: Uko abaturage bashima serivisi z'ubuzima ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali**





AMAJYARUGURU | AMAJYEPFO | IBURENGERAZUBA | IBURASIRAZUBA | UMUJYI WA KIGALI

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## 2.2.3. Uko abaturage babona serivisi z'ubuzima zitandukanye

**Ishusho 64: Uko abaturage babona serivisi z'ubuzima zitandukanye**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Serivisi zijyanye n'ubwishingizi mu kwivuza, kuboneza urubyaro, ndetse na serivisi z'abajyanama b'ubuzima nizo zashimwe cyane n'abaturage ku gipimo kiri hejuru ya 85%. Ku rundi ruhande, kwakira no kwita ku barwayi ndetse na serivisi zo kubona imiti nibyo byashimwe ku bipimo byo hasi hagati ya 50% na 60%.

Ku bijyanye no kwakira ndetse no kwita ku barwayi, mu turere turindwi (Gasabo, Kayonza, Rusizi, Bugesera, Nyanza, Nyamasheke na Karongi) niho abaturage banenze uko bakirwa n'uko bitabwaho hejuru ya 50%.

**Ishusho 65: Uko abagabo n'abagore bashima serivisi z'ubuzima zitandukanye**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko abagore n'abagabo bashimye serivisi z'ubuzima ku bipimo byegeranye.

## 2.2.4. Uko abaturage babona imikorere y'amavuriro

**Ishusho 66: Uko abaturage babona imikorere y'amavuriro**




Iyi CRC ya 2025 yagaragaje ko abaturage badashima cyane imitangire ya serivisi mu mavuriro muri rusange, aho mu bitaro yashimwe ku gipimo cyo hejuru cya 66.4%. Abaturage bagaragaje ko batazi serivisi zitangwa n'amavuriro mato ku gipimo cya 17.6%. Uturere twa Kicukiro, Muhanga, Ruhango, Nyabihu na Rulindo nitwo twaje imbere mu kugira abaturage bagaragaje ko batazi imikorere y'amavuriro mato (hejuru ya 25%). Ibi byaba bifitanye isano n'uko hari aho ataragera, n'aho ari usanga imicungire n'imikorere byayo bitaranoga ndetse n'adakora kandi inyubako zihari.

## 2.2.5. IBYIFUZONAMA

- Gukurikirana mu buryo buhoraho imitangire ya serivisi mu mavuriro;
- Kunoza imikorere n'imicungire y'amavuriro hibandwa ku mavuriro mato;
- Gukurikirana no gushyira imbaraga mu kunoza serivisi zo kubona imiti;
- Kugeza ibikorwaremezo n'ibikoresho by'amavuriro aho bitaragera.

**Imbonerahamwe 18:**
**Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubuzima**

| N° | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Gakenke | 83.8% |
| 2 | Burera | 81.5% |
| 3 | Nyaruguru | 81.4% |
| 4 | Nyabihu | 81.1% |
| 5 | Rulindo | 81.1% |
| 6 | Gisagara | 80.9% |
| 7 | Muhanga | 77.1% |
| 8 | Ngororero | 77.0% |
| 9 | Nyagatare | 74.4% |
| 10 | Huye | 74.1% |
| 11 | Kirehe | 73.8% |
| 12 | Gicumbi | 73.6% |
| 13 | Musanze | 73.4% |
| 14 | Ngoma | 72.8% |
| 15 | Nyanza | 72.7% |
| 16 | Kicukiro | 72.6% |
| 17 | Ruhango | 72.1% |
| 18 | Kamonyi | 72.0% |
| 19 | Nyamagabe | 71.1% |
| 20 | Nyarugenge | 70.7% |
| 21 | Rwamagana | 70.0% |
| 22 | Rubavu | 69.6% |
| 23 | Rutsiro | 69.5% |
| 24 | Nyamasheke | 68.5% |
| 25 | Karongi | 68.3% |
| 26 | Rusizi | 67.5% |
| 27 | Bugesera | 66.5% |
| 28 | Gatsibo | 66.1% |
| 29 | Kayonza | 64.0% |
| 30 | Gasabo | 61.1% |
| **BOSE HAMWE** | | **72.4%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


# 2.2. ISUKU



# 2.3.1. Intangiriro

Isuku ni kimwe mu bipimo shingiro by'imibereho myiza muri Gahunda ya kabiri y' Igihugu yo kwihutisha iterambere (NST2). Muri ubu bushakashatsi, hasuzumwe uko abaturage babona isuku y'aha hakurikira: amavuriro, amasoko, ibiro by'inzego z'ibanze, amaresitora n'utubari no mu ngo z'abaturage. Abaturage kandi bagaragaje uko bashima isuku yo mu bwiherero bwo mu ngo zabo, ku mubiri n'imyambaro.


**Ishusho 67: Uko abagabo n'abagore babona isuku muri rusange**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Serivisi z'isuku zashimwe n'abaturage ku gipimo cya 76.1%, aho abagore bazishimye ku gipimo cya 76.5% naho abagabo bazishima ku gipimo cya 75.5%.


**Ikarita 11: Uko abaturage bashima isuku hakurikijwe uturere**




Ubushakashatsi bwagaragaje ko mu turere twa Kicukiro, Nyarugenge, Gasabo, Nyanza, Ngoma na Kirehe ariho abaturage bashima isuku ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Ku rundi ruhande, uturere twa Kayonza, Gatsibo, Rutsiro na Karongi nitwo abaturage bashimye isuku ku gipimo kiri munsi ya 70%.

## 2.3.2. Uko abaturage bashima isuku hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


**Ishusho 68: Uko abaturage bashima isuku hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## 2.3.3. Uko abaturage babona isuku ahantu hatandukanye

**Ishusho 69: Uko abaturage babona isuku ahantu hatandukanye**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Isuku yo ku biro by'inzego z'ibanze, ku mavuriro no ku masoko yashimwe ku gipimo kiri hejuru ya 75%. Ku rundi ruhande, mu ngo z'abaturage, mu maresitora n'utubari ndetse no mu bwiherero bwo mu ngo z'abaturage niho abaturage bashimye isuku ku gipimo kiri munsi ya 60%.

## 2.3.4 Bimwe mu byo abaturage babona bitera umwanda

**Ishusho 70: Bimwe mu byo abaturage babona bitera umwanda**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Imyumvire ikiri hasi kubijyanye n'isuku ndetse n' ubwiherero butujuje ibisabwa ni byo abaturage bagaragaje ko biza imbere mu gutera umwanda.

## 2.3.5. IBYIFUZONAMA

- Kongera imbaraga mu bukangurambaga bwo kugira ubwiherero bwujuje ibisabwa no kubugirira isuku;
- Kunoza imikorere mu kugenzura isuku mu ngo z'abaturage n'ahantu hahurira abantu benshi nko mu masoko, resitora n'utubari.

**Imbonerahamwe 19:**
**Uko uturere duhagaze muri serivisi z'isuku**

| Nº | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 88.4% |
| 2 | Nyarugenge | 85.4% |
| 3 | Nyanza | 83.4% |
| 4 | Ngoma | 81.7% |
| 5 | Kirehe | 81.3% |
| 6 | Gasabo | 80.3% |
| 7 | Kamonyi | 79.7% |
| 8 | Gakenke | 79.7% |
| 9 | Nyaruguru | 79.3% |
| 10 | Gisagara | 78.6% |
| 11 | Rulindo | 78.4% |
| 12 | Burera | 78.2% |
| 13 | Bugesera | 78.2% |
| 14 | Muhanga | 76.5% |
| 15 | Rwamagana | 76.3% |
| 16 | Nyamasheke | 75.7% |
| 17 | Musanze | 75.6% |
| 18 | Huye | 75.1% |
| 19 | Nyabihu | 75.1% |
| 20 | Rubavu | 74.8% |
| 21 | Nyagatare | 74.1% |
| 22 | Ruhango | 73.8% |
| 23 | Gicumbi | 73.3% |
| 24 | Rusizi | 72.3% |
| 25 | Nyamagabe | 71.9% |
| 26 | Ngororero | 71.3% |
| 27 | Karongi | 69.5% |
| 28 | Rutsiro | 68.7% |
| 29 | Gatsibo | 63.2% |
| 30 | Kayonza | 62.3% |
| **IMPUZANDENGO** | | **76.1%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


# 2.4. GAHUNDA ZO KUZAMURA IMIBEREHO NO KWITA KU BATISHOBOYE



## 2.4.1. Intangiriro

Leta y'u Rwanda yashyizeho gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye mu rwego rwo kurushaho kubafasha kwiteza imbere no kwikura mu bukene. Ubu bushakashatsi bwasuzumye ishyirwa mu bikorwa ry'ubufasha butandukanye bugenerwa abatishoboye, ubwishingizi abaturage bakoresha ndetse n'inzitizi zigaragara muri iki cyiciro.


**Ishusho 71: Uko abagabo n'abagore babona gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye muri rusange**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye zashimwe ku gipimo cya 69.6%, aho abagore n'abagabo bazishima ku kigero kimwe.


**Ikarita 12: Uko abaturage bashima gahunda zo kwita ku batishoboye no kuzamura imibereho yabo hakurikijwe uturere**




Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko Akarere ka Gakenke ari ko kaje ku isonga mu gushima gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye ku gipimo cya 82.0%, mu gihe Akarere ka Rwamagana ari ho izi gahunda zashimwe ku gipimo cyo hasi cya 55.8%.

## 2.4.2. Gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


**Ishusho 72: Uko abaturage bashima gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## 2.4.3. Ishyirwa mu bikorwa ry'ubufasha bugenerwa abatishoboye


**Ishusho 73: Uko abaturage babona ishyirwa mu bikorwa ry'ubufasha bugenerwa abatishoboye**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ku bijyanye n'uko abaturage bashimye ishyirwa mu bikorwa ry'ubufasha bugenerwa abatishoboye, ubukangurambaga mu kwitabira gahunda zo kwizigamira no kujya mu matsinda nibyo byashimwe ku gipimo cyo hejuru cya 88.3% mu gihe guhitamo abagenerwa bikorwa ari byo byashimwe ku gipimo cyo hasi cya 58.7%.

**Ishusho 74: Uko abaturage bakoresha ubwishingizi n'ubwiteganirize**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko ubwisungangane mu kwivuza bwa mutuweli ari bwo bukoreshwa cyane n'abaturage kurusha ubundi.

## 2.4.4. Zimwe mu nzitizi zagaragajwe zibangamira gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye

**Ishusho 75: Zimwe mu nzitizi zagaragajwe zibangamira ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Bamwe mu baturage bagifite imyumvire yo guhora bafashwa, ubumenyi budahagije mu gukora imishinga ndetse na bamwe mu baturage batari inyangamugayo mu gukoresha no gufata neza ubufasha bahabwa nizo nzitizi zagaragajwe nk'iziza imbere mu kubangamira ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye.

## 2.4.5. IBYIFUZONAMA

- Kongerera ubumenyi abatishoboye mu rwego rwo kubafasha gukora imishinga ibateza imbere ikabavana mu bukene;
- Gukora ubugenzuzi buhoraho bugizwemo uruhare n'abaturage ndetse n'abafatanyabikorwa ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye;
- Gutegura abagenerwabikorwa no kubaherekeza mu rugendo rwo kugera ku ntego yo kwifasha.

### Imbonerahamwe 20:
### Uko uturere duhagaze muri serivisi zo kuzamura imibereho myiza no kwita ku batishoboye

| Nº | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Gakenke | 82.0% |
| 2 | Rulindo | 80.2% |
| 3 | Burera | 77.9% |
| 4 | Muhanga | 77.4% |
| 5 | Nyanza | 76.7% |
| 6 | Gicumbi | 76.5% |
| 7 | Nyabihu | 75.6% |
| 8 | Musanze | 74.6% |
| 9 | Ngoma | 74.0% |
| 10 | Ngororero | 73.9% |
| 11 | Rubavu | 73.9% |
| 12 | Bugesera | 73.9% |
| 13 | Gisagara | 73.6% |
| 14 | Nyamagabe | 72.6% |
| 15 | Nyaruguru | 69.4% |
| 16 | Kirehe | 69.1% |
| 17 | Kamonyi | 68.5% |
| 18 | Rutsiro | 67.5% |
| 19 | Nyamasheke | 66.8% |
| 20 | Nyagatare | 66.7% |
| 21 | Ruhango | 66.1% |
| 22 | Gatsibo | 64.7% |
| 23 | Kicukiro | 64.4% |
| 24 | Rusizi | 63.4% |
| 25 | Kayonza | 63.2% |
| 26 | Huye | 61.6% |
| 27 | Karongi | 61.4% |
| 28 | Nyarugenge | 59.9% |
| 29 | Gasabo | 59.0% |
| 30 | Rwamagana | 55.8% |
| **IMPUZANDENGO** | | **69.6%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

# 2.5.IMIBEREHO Y'UMURYANGO NYARWANDA




# 2.5.1. Intangiriro

Gukomeza gushyira imbere iterambere ridaheza ni imwe mu ntego za Gahunda ya kabiri y'Igihugu yo kwihutisha iterambere (NST2), hagamijwe kugira umuryango nyarwanda utekanye kandi ubayeho neza.

Muri iki cyiciro kirebana n'imibereho y'umuryango nyarwanda, ubu bushakashatsi bwasuzumye ibi bikurikira: kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore, gufata ibyemezo byumvikanyweho ku mikoreshereze y'umutungo w'umuryango, kubahiriza uburenganzira bw'abana, kwita ku buzima bw'abafite ubumuga mu muryango, kwita ku buzima bw'abageze mu za bukuru mu muryango ndetse n'ibibazo bibangamiye imiryango n'impamvu zibitera.


**Ishusho 76: Uko abagabo n'abagore babona imibereho y'umuryango nyarwanda muri rusange**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri rusange, abaturage bashimye serivisi zijyanye no kwita ku muryango nyarwanda ku gipimo cya 74.7%. Abagabo bashimye ku gipimo cya 76.3% naho abagore ku gipimo 73.3%.


### Ikarita 13: Uko abaturage bashima imibereho y'umuryango nyarwanda hakurikijwe uturere




Abaturage bo mu turere twa Kicukiro, Rulindo, Burera na Gakenke nibo bashimye imibereho y'umuryango nyarwanda ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Ku rundi ruhande, mu Karere ka Kayonza niho abaturage bashimye ku gipimo cyo hasi (59.3%).

## 2.5.2. Imibereho y'umuryango hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


**Ishusho 77: Uko abaturage bashima imibereho y'umuryango nyarwanda hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## 2.5.3. Gahunda zitandukanye mu mibereho y'umuryango nyarwanda


**Ishusho 78: Uko abaturage babona gahunda zitandukanye zo guteza imbere imibereho y'umuryango nyarwanda**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Kubahiriza uburenganzira bw'abana ni byo byaje ku isonga mu gushimwa n'abaturage ku gipimo cya 73.0% mu gihe kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y' umugabo n'umugore ari byo byaje inyuma ku gipimo cya 49.9%.


**Ishusho 79: Uko abagabo n'abagore babona ibikorwa bitandukanye mu mibereho y'umuryango nyarwanda**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri rusange, ubu bushakashatsi bwagaragaje ko abagabo bashima ibikorwa bibungabunga umuryango ku bipimo biri hejuru ugereranyije n'abagore. By'umwihariko ku birebana no kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore ndetse no gufata ibyemezo byumvikanyweho ku mikoreshereze y'umutungo w'umuryango, abagore babishimye ku bipimo munsi ya 50%. Ibi bigaragaza ko abagore n'abagabo bafite imyumvire itandukanye ku bijyanye n'ihame ry'uburinganire ndetse n'imikoreshereze y'umutungo w'umuryango.

**Ishusho 80: Uko urubyiruko rubona ibikorwa bitandukanye mu mibereho y'umuryango nyarwanda**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Kimwe n'ibindi byiciro, urubyiruko rwashimye ku gipimo cyo hasi iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore ndetse no gufata ibyemezo byumvikanyweho ku mikoreshereze y'umutungo w'umuryango.

## 2.5.4. Bimwe mu bibazo bibangamiye umuryango

**Ishusho 81: Bimwe mu bibazo bibangamiye umuryango**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri ubu bushakashatsi, abaturage bagaragaje ko amakimbirane mu miryango, guhoza ku nkenke no gutoteza, guharika no gucana inyuma kw'abashakanye n'ihohoterwa rishingiye ku mutungo byabaye mu miryango yabo ku bipimo biri hejuru ya 10%.

## 2.5.5. Uko abaturage babona ihohoterwa rikorerwa ibyiciro bitandukanye by'abagize umuryango

**Ishusho 82:** **Uko abaturage babona ihohoterwa rikorerwa ibyiciro bitandukanye by'abagize umuryango**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Nk'uko bigaragara mu ishusho iri hejuru, abagore nibo bakorewe ihohoterwa ku gipimo cyo hejuru kurusha ibindi byiciro.

## 2.5.6. Impamvu zitera ibibazo byo mu muryango

**Ishusho 83:** **Impamvu zitera ibibazo byo mu muryango**




Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, ubusinzi, kutagira umwanya wo kuganira nk'umuryango, guharika no gucana inyuma kw'abashakanye, gukoresha nabi umutungo w'umuryango ndetse no kudasobanukirwa ihame ry'uburinganire nizo mpamvu zaje imbere mu guteza ibibazo byo mu muryango.

## 2.5.7 IBYIFUZONAMA

- Gushyira imbaraga mu gukemura ibibazo byugarije umuryango hifashishijwe inteko z'abaturage n'umugoroba w'imiryango;
- Kongera imbaraga mu bukangurambaga bwo kwimakaza ibiganiro hagati y'abashakanye;
- Kongera imbaraga mu bukangurambaga bwo kurwanya ikoreshwa n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge ndetse no kwirinda ubusinzi;
- Kwigisha abaturage ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore hamwe n'itegeko rirebana n'umuryango n'imucungire y'umutungo wawo;
- Gukangurira ababyeyi kwita ku burere bw'abana no kubaganiriza ku buzima bw'imyororokere.

## Imbonerahamwe 21:
## Uko uturere duhagaze mu mibereho y'umuryango nyarwanda

| Nº | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 85.3% |
| 2 | Burera | 81.4% |
| 3 | Rulindo | 81.0% |
| 4 | Gakenke | 80.2% |
| 5 | Nyarugenge | 79.9% |
| 6 | Nyabihu | 79.7% |
| 7 | Nyaruguru | 79.3% |
| 8 | Ruhango | 79.0% |
| 9 | Nyanza | 78.9% |
| 10 | Muhanga | 78.6% |
| 11 | Rusizi | 78.6% |
| 12 | Gisagara | 78.0% |
| 13 | Gicumbi | 77.1% |
| 14 | Rubavu | 76.7% |
| 15 | Bugesera | 76.5% |
| 16 | Kamonyi | 75.8% |
| 17 | Huye | 75.2% |
| 18 | Nyamasheke | 75.2% |
| 19 | Nyamagabe | 75.1% |
| 20 | Musanze | 75.1% |
| 21 | Gasabo | 74.1% |
| 22 | Kirehe | 72.8% |
| 23 | Rutsiro | 72.2% |
| 24 | Ngoma | 69.4% |
| 25 | Nyagatare | 69.0% |
| 26 | Ngororero | 68.9% |
| 27 | Karongi | 68.7% |
| 28 | Rwamagana | 64.8% |
| 29 | Gatsibo | 61.7% |
| 30 | Kayonza | 59.3% |
| **IMPUZANDENGO** | | **74.7%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

3

# Inkingi y'imiyoborere




# 3.1. INZEGO Z'IBANZE



## 3.1.1. Intangiriro

Mu rwego rwo kureba uko abaturage babona imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye, ubu bushakashatsi bwibanze ku mikorere y'inzego z'ibanze n'iya bamwe mu bakozi bazo, serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze ndetse n'ibibangamira imitangire ya serivisi muri izo nzego.


**Ishusho 84: Uko abagabo n'abagore babona inzego z'ibanze muri rusange**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Abaturage bashimye imikorere y'inzego z'ibanze ku gipimo cya 77.1%, aho abagore bayishimye ku gipimo cya 77.8% naho abagabo bakayishima ku gipimo cya 76.3%.


**Ikarita 14: Uko abaturage bashima imikorere y'inzego z'ibanze hakurikijwe uturere**




Mu turere makumyabiri na tubiri(22), abaturage bashimye serivisi z'inzego z'ibanze ku gipimo kiri hejuru ya 75%, aho Akarere ka Gakenke kaje ku isonga ku gipimo cya 87.7%. Ku rundi ruhande, mu turere umunani (8) niho abaturage bashimye serivisi z'inzego z'ibanze ku gipimo kiri munsi ya 75%, aho Akarere ka Kayonza bazishima ku gipimo cyo hasi cya 64.6%.

## 3.1.2. Imikorere y'inzego z'ibanze hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


**Ishusho 85: Uko abaturage bashima imikorere y'inzego z'ibanze hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## 3.1.3. Imikorere y'inzego z'ibanze

**Ishusho 86: Uko abaturage babona imikorere y'inzego z'ibanze**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, abaturage bashimye imikorere y'urwego rw'umurenge ku gipimo cyo hejuru cya 85.4% naho urwego rw'Umudugudu ni rwo rushimwa ku gipimo cyo hasi cya 70.3%. Kuba urwego rw'umurenge arirwo rwashimwe ku gipimo cyo hejuru kurusha izindi byaba bifitanye isano n'uko ari rwo rwego rutanga serivisi nyinshi zikenerwa n'abaturage. Nubwo NST1 yateganyaga ko zimwe muri serivisi zitangirwa ku rwego rw'umurenge zimanuka zikajya ku rwego rw'akagari, ntibyagezweho kuberako uru rwego rutarabona abakozi, ibikorwaremezo n'ibikoresho bihagije byabafasha gutanga izi serivisi.

## 3.1.4. Imikorere ya bamwe mu bakozi b' inzego z'ibanze

**Ishusho 87: Uko abaturage babona imikorere ya bamwe mu bakozi b' inzego z'ibanze**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri rusange, abakozi benshi b'inzego z'ibanze bashimwe ku gipimo kiri hejuru ya 80%. Ku rundi ruhande imikorere y'abakozi bashinzwe ubutaka n'imyubakire ndetse n'iy'ushinzwe ubuhinzi ku rwego rw'umurenge yashimwe ku bipimo byo hasi bya 59% na 55.3%.

## 3.1.5. Zimwe muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze

**Ishusho 88: Uko abaturage babona zimwe muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Gusobanurira abaturage gahunda za Leta ni yo serivisi iza ku isonga mu gushimwa n'abaturage ku gipimo cya 92.9%. Ku rundi ruhande, kumenyesha abaturage ibyavuye mu byifuzo byabo ku igenamigambi n'imihigo by'akarere nibyo bishimwa ku gipimo cyo hasi cya 66.7%.

## 3.1.6. Inzitizi zigaragara muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze

**Ishusho 89: Zimwe mu nzitizi zagaragajwe muri serivisi n'imikorere by'inzego z'ibanze**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Nk'uko ishusho iri hejuru ibigaragaza, ibibangamira imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego z'ibanze kurusha ibindi ni: ukutamenya ibisabwa mbere yo gusaba serivisi, kutabonekera ku gihe kw'abatanga serivisi ndetse no gusiragiza abaturage.

## 3.1.7. IBYIFUZONAMA

- Gutanga amakuru y'ibisabwa kugira ngo abaturage bahabwe serivisi;
- Kunoza imitangire ya serivisi no gukurikirana mu buryo buhoraho imitangire ya serivisi;
- Kunoza uburyo bwo gusangiza abaturage ibyavuye mu byifuzo byabo ku igenamigambi n'imihigo by'akarere;
- Kongera imbaraga mu kurwanya ruswa n'akarengane mu mitangire ya serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze;
- Gukomeza kubaka urwego rw'akagari kugirango rurusheho kwegereza abaturage serivisi bakenera.

**Imbonerahamwe 22:**
**Uko uturere duhagaze muri serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze**

| Nº | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 85.3% |
| 2 | Burera | 81.4% |
| 3 | Rulindo | 81.0% |
| 4 | Gakenke | 80.2% |
| 5 | Nyarugenge | 79.9% |
| 6 | Nyabihu | 79.7% |
| 7 | Nyaruguru | 79.3% |
| 8 | Ruhango | 79.0% |
| 9 | Nyanza | 78.9% |
| 10 | Muhanga | 78.6% |
| 11 | Rusizi | 78.6% |
| 12 | Gisagara | 78.0% |
| 13 | Gicumbi | 77.1% |
| 14 | Rubavu | 76.7% |
| 15 | Bugesera | 76.5% |
| 16 | Kamonyi | 75.8% |
| 17 | Huye | 75.2% |
| 18 | Nyamasheke | 75.2% |
| 19 | Nyamagabe | 75.1% |
| 20 | Musanze | 75.1% |
| 21 | Gasabo | 74.1% |
| 22 | Kirehe | 72.8% |
| 23 | Rutsiro | 72.2% |
| 24 | Ngoma | 69.4% |
| 25 | Nyagatare | 69.0% |
| 26 | Ngororero | 68.9% |
| 27 | Karongi | 68.7% |
| 28 | Rwamagana | 64.8% |
| 29 | Gatsibo | 61.7% |
| 30 | Kayonza | 59.3% |
| **IMPUZANDENGO** | | **77.1%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


# 3.2.UBUTABERA



## 2.5.1. Intangiriro

Mu rwego rw'ubutabera, ubu bushakashatsi bwibanze ku mitangire ya serivisi, imikorere ya Komite z'Abunzi, imikorere ya MAJ ndetse n'imikorere ya RIB. Hasuzumwe kandi uko abaturage babona ruswa, akarengane n'ikimenyane mu nzego zimwe na zimwe ndetse n'imikorere y'inzego zinyuranye mu kurwanya ruswa n'akarengane.

**Ishusho 90: Uko abagabo n'abagore babona serivisi z'ubutabera muri rusange**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri rusange serivisi z'ubutabera zashimwe ku gipimo cya 81.3%. Abagore bazishimye ku gipimo cya 82.9% naho abagabo bazishima ku gipimo cya 79.4%.




**Ikarita 15: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutabera hakurikijwe uturere**




Muri rusange, serivisi z'ubutabera zirashimwa ku gipimo kiri hejuru ya 75% mu turere makumyabiri na turindwi, aho Akarere ka Muhanga kari ku isonga ku gipimo cya 88.4%. Ku rundi ruhande, mu turere twa Rutsiro, Gatsibo na Gasabo niho abaturage bashimye serivisi z'ubutabera ku bipimo biri hagati ya 70% na 75%.

## 3.2.2. Serivisi z'ubutabera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali.

**Ishusho 91: Uko abaturage bashima serivisi z'ubutabera hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## 3.2.3. Imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego z'ubutabera

Muri iki cyiciro habajijwe abaturage bazi imikorere n'imitangire ya serivisi mu nzego z'ubutabera zikurikira: guca imanza ku gihe, kurangiza imanza, imikorere y'ubushinjacyaha, Imikorere y'abahesha b'inkiko b'umwuga, imikorere y'abunganizi mu mategeko ndetse no gutanga ubufasha mu by'amategeko (legal aid).

**Ishusho 92: Uko abaturage babona imikorere na serivisi mu nzego z'ubutabera**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Imikorere y'abunganizi mu mategeko niyo yashimwe ku gipimo cyo hejuru cya 81% mu gihe kurangiza imanza aribyo byashimwe ku gipimo cyo hasi cya 72.7%.

## 3.2.4. Imikorere ya Komite z'Abunzi

Ku bijyanye n'imikorere ya Komite z'Abunzi, ubu bushakashatsi bwibanze ku bunyangamugayo bwabo, icyizere abaturage babafitiye ndetse no gukemura ibibazo by'abaturage ku gihe.

**Ishusho 93: Uko abaturage babona imikorere ya Komite z'Abunzi**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Abaturage bashimye imikorere ya Komite z'Abunzi ku bipimo biri hejuru ya 80%.

## 3.2.5. Serivisi za MAJ

Ku birebana na MAJ, ubu bushakashatsi bwibanze kuri ibi bikurikira: kunganira abatishoboye mu mategeko, kurangiza imanza ku gihe, gukurikirana ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ndetse no gukurikirana ibibazo by'amategeko arengera abana.

**Ishusho 94: Uko abaturage babona serivisi n'imikorere bya MAJ**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Gukurikirana ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina niyo serivisi ya MAJ yashimwe kurusha izindi ku gipimo cya 83.3% naho serivisi yo kurangiza imanza ku gihe yashimwe ku gipimo cyo hasi cya 77.7%.

## 3.2.6. Imikorere ya RIB

Ku bijyanye n'imikorere ya RIB, ubu bushakashatsi bwibanze ku kugenza ibyaha, gukumira ibyaha, gukorera mu mucyo, gutahura ibyaha, imikoranire ya RIB n'abaturage mu gukumira no gutahura ibyaha, uburyo RIB yihutira gutabara ahagaragaye icyaha ndetse n'ifunga n'ifungura ry'ukekwaho icyaha.

**Ishusho 95: Uko abaturage babona imikorere ya RIB**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Abaturage bagaragaje ko RIB yihutira gutabara ahagaragaye icyaha ku gipimo cyo hejuru cya 91.2% naho ifunga n'ifungura ry'ukekwaho icyaha bishimwa ku gipimo cyo hasi cya 78.7%.

### 3.2.7. Ruswa mu nzego na serivisi zitandukanye

**Ishusho 96: Uko abaturage babona ruswa mu nzego na serivisi zitandukanye**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Abaturage bagaragaje ko mu nzego z'ibanze no mu kazi ariho ruswa iri kurusha ahandi.

## 3.2.8. Akarengane mu nzego na serivisi zitandukanye

**Ishusho 97:** **Uko abaturage babona akarengane mu nzego na serivisi zitandukanye**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko mu nzego z'ibanze ndetse no mu kazi ariho akarengane kagaragara kurusha ahandi.

## 3.2.9. Imikorere y'inzego mu kurwanya ruswa n'akarengane

Abaturage babajijwe uko babona imikorere ya zimwe mu nzego zifite uruhare mu kurwanya ruswa n'akarengane zirimo Urwego rw'Umuvunyi, Urwego rw'Igihugu rw'ubugenzacyaha RIB, inzego z'ibanze, Polisi y'u Rwanda, inkiko, abunzi, Imiryango Itari iya Leta, Amadini/Amatorero n'itangazamakuru.

**Ishusho 98: Uko abaturage babona imikorere y'inzego mu kurwanya ruswa n'akarengane**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

N'ubwo ruswa ikigaragara mu nzego na serivisi zimwe na zimwe, abaturage bashimye imikorere y'inzego zitandukanye mu kuyirwanya ku bipimo biri hejuru ya 70% aho itangazamakuru ryaje ku isonga ku gipimo cya 89.8%.

## 3.2.10. IBYIFUZONAMA

- Kongera imbaraga mu kurangiza imanza ku gihe;
- Gukomeza gukaza ingamba zo kurwanya ruswa n'akarengane;
- Kubahiriza amategeko ku ifunga n'ifungura ry'ukekwaho icyaha.

**Imbonerahamwe 23:**
**Uko uturere duhagaze muri serivisi z'ubutabera**

| Nº | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Muhanga | 88.4% |
| 2 | Gicumbi | 86.9% |
| 3 | Gakenke | 86.9% |
| 4 | Gisagara | 86.4% |
| 5 | Ngororero | 85.7% |
| 6 | Nyanza | 85.4% |
| 7 | Nyabihu | 85.4% |
| 8 | Burera | 85.4% |
| 9 | Musanze | 85.3% |
| 10 | Bugesera | 85.3% |
| 11 | Rulindo | 85.3% |
| 12 | Nyaruguru | 83.7% |
| 13 | Ruhango | 82.6% |
| 14 | Kirehe | 82.6% |
| 15 | Kamonyi | 82.6% |
| 16 | Kicukiro | 82.4% |
| 17 | Nyamasheke | 82.4% |
| 18 | Ngoma | 82.0% |
| 19 | Huye | 81.9% |
| 20 | Nyagatare | 80.4% |
| 21 | Nyamagabe | 79.8% |
| 22 | Rubavu | 78.9% |
| 23 | Karongi | 78.7% |
| 24 | Rwamagana | 78.5% |
| 25 | Nyarugenge | 78.4% |
| 26 | Rusizi | 76.7% |
| 27 | Kayonza | 75.7% |
| 28 | Rutsiro | 74.0% |
| 29 | Gatsibo | 72.7% |
| 30 | Gasabo | 71.5% |
| **IMPUZANDENGO** | | **81.3%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


# 3.3. IYUBAHIRIZWA RY'AMAHAME Y'IMIYOBORERE N'ICYIZERE KU NZEGO Z'UBUYOBOZI



## 3.3.1. Intangiriro

Muri ubu bushakashatsi, hasuzumwe amwe mu mahame y'imiyoborere akurikira: uburenganzira bwa muntu, amahame ya demokarasi, kurwanya no gukumira ingengabitekerezo ya jenoside, kurwanya ivangura iryo ari ryo ryose, kubahiriza amategeko, gukorera mu mucyo, kurwanya ruswa n'akarengane, ubwigenge mu mikorere y'inzego, ndetse no kubazwa inshingano. Hasuzumwe kandi icyizere abaturage bafitiye zimwe mu nzego z'ubuyobozi ndetse n'uruhare zigira mu guteza imbere imiyoborere myiza.


**Ishusho 99: Uko abagabo n'abagore babona iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri rusange, abaturage bagaragaje ko bishimiye iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere bafitiye inzego z'ubuyobozi ku gipimo cya 90.1%. Abagabo n'abagore babishimye ku rugero rumwe.


**Ikarita 16:** **Uko abaturage bashima iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi hakurikijwe uturere.**




Abaturage bo mu turere twose bashimye iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi ku bipimo biri hejuru ya 80%.

## 3.3.2. Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali


**Ishusho 100:** **Uko abaturage bashima iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

### 3.3.3. Iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere

**Ishusho 101: Uko abaturage babona iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere atandukanye**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubu bushakashatsi bwragaragaje ko iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere yakoreweho ubushakashatsi rishimwa ku gipimo kiri hejuru ya 75%, aho amatora akozwe mu mucyo no mu bwisanzure ari ryo hame ryubahirizwa ku gipimo cyo hejuru cya 95.5%.

### 3.3.4. Icyizere abaturage bafitiye inzego z'ubuyobozi

**Ishusho 102: Icyizere abaturage bafitiye inzego z'ubuyobozi**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Urwego rwa Perezida wa Repubulika rukomeje kuza ku isonga mu kugirirwa icyizere n'abaturage.

## 3.3.5. Uko abaturage babona ubwigenge bwa zimwe mu nzego

Ubu bushakashatsi bwibanze ku bwigenge bw'inzego zikurikira: Inteko Ishinga Amategeko, Inkiko, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Komisiyo y'uburenganzira bwa muntu ndetse n'Itangazamakuru.

**Ishusho 103: Uko abaturage babona ubwigenge bwa zimwe mu nzego**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Nk'uko bigaragara ku ishusho iri hejuru, abaturage bazi izo nzego zakoreweho ubushakashatsi bemeje ko zifite ubwigenge ku bipimo biri hejuru ya 95%.

## 3.3.6. Imikorere ya zimwe mu nzego mu guteza imbere imiyoborere myiza

Abaturage bagaragaje uko babona imikorere y'inzego zikurikira mu guteza imbere imiyoborere myiza: Urwego rw'Umuvunyi, Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu, Inzego z'ibanze, amadini n'amatorero, imiryango itari iya Leta, imitwe ya politike ndetse n'itangazamakuru.

**Ishusho 104: Uko abaturage babona imikorere ya zimwe mu nzego mu guteza imbere imiyoborere myiza**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko abaturage bashima imikorere y'inzego zakoreweho ubushakashatsi mu guteza imbere imiyoborere myiza ku gipimo kiri hejuru ya 80%, aho Urwego rw'Itangazamakuru arirwo rwaje ku isonga ku gipimo cyo hejuru cya 93.4%.

## 3.3.7. Ishyirwamubikorwa rya gahunda ya "Ndi Umunyarwanda"

**Ishusho 105: Uko abaturage babona ishyirwamubikorwa rya gahunda ya "Ndi Umunyarwanda"**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Abaturage bashimye ishyirwamubikorwa rya gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" ku gipimo cya 94.9%. Ibi bigaragaza ko ubumwe bw'abanyarwanda bukomeje gushimangirwa nk'inkingi y'imiyoborere myiza n'iterambere.


**Imbonerahamwe 24:**
**Uko abaturage bashima ishyirwamubikorwa rya gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" hakurikijwe uturere**

| Nº | AKARERE | ABASHIMA | ABANENGA |
|---|---|---|---|
| 1 | Muhanga | 99.4% | 0.6% |
| 2 | Gicumbi | 98.3% | 1.7% |
| 3 | Kicukiro | 98.1% | 1.7% |
| 4 | Rubavu | 97.9% | 2.1% |
| 5 | Nyaruguru | 97.9% | 1.5% |
| 6 | Ngororero | 97.7% | 2.3% |
| 7 | Musanze | 97.5% | 2.2% |
| 8 | Burera | 97.4% | 1.3% |
| 9 | Rusizi | 97.4% | 2.3% |
| 10 | Kamonyi | 97.1% | 2.6% |
| 11 | Nyamasheke | 97.0% | 2.7% |
| 12 | Gakenke | 96.7% | 2.1% |
| 13 | Huye | 95.8% | 3.1% |
| 14 | Rutsiro | 95.5% | 2.9% |
| 15 | Rulindo | 95.5% | 3.5% |
| 16 | Nyabihu | 95.4% | 1.2% |
| 17 | Gisagara | 95.2% | 1.6% |
| 18 | Kirehe | 95.2% | 4.8% |
| 19 | Bugesera | 95.1% | 4.6% |
| 20 | Kayonza | 94.7% | 4.1% |
| 21 | Ruhango | 94.2% | 3.8% |
| 22 | Nyarugenge | 94.1% | 5.0% |
| 23 | Gatsibo | 93.4% | 4.3% |
| 24 | Gasabo | 93.2% | 5.5% |
| 25 | Nyanza | 92.9% | 2.8% |
| 26 | Nyamagabe | 91.6% | 4.1% |
| 27 | Karongi | 91.2% | 7.6% |
| 28 | Ngoma | 90.2% | 9.5% |
| 29 | Nyagatare | 90.1% | 9.0% |
| 30 | Rwamagana | 85.1% | 14.9% |
| **IMPUZANDENGO** | | **94.9%** | **4.0%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

### 3.3.8. Uburyo bwo kubona amakuru.

**Ishusho 106: Uko abaturage babona uburyo bwo kubona amakuru muri rusange**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri ubu bushakashatsi, abaturage bashimye uburyo babona amakuru ku gipimo cya 88%. Ibi biragaragaza intambwe imaze guterwa mu guhanahana amakuru kuri gahunda zitandukanye z'Igihugu.

## 3.3.9. IBYIFUZONAMA

- Kongera imbaraga mu bikorwa biteza imbere imiyoborere myiza mu byiciro byose;
- Gukomeza gushyira imbaraga mu bikorwa byimakaza ihame ry'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore mu byiciro byose.

## Imbonerahamwe 25:
## Uko uturere duhagaze mu iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere ku nzego z'ubuyobozi

| Nº | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Muhanga | 95.2% |
| 2 | Gakenke | 94.6% |
| 3 | Rulindo | 93.2% |
| 4 | Kicukiro | 93.0% |
| 5 | Bugesera | 92.8% |
| 6 | Nyabihu | 92.7% |
| 7 | Gisagara | 92.7% |
| 8 | Ngororero | 92.6% |
| 9 | Rusizi | 92.4% |
| 10 | Rubavu | 92.4% |
| 11 | Musanze | 92.3% |
| 12 | Burera | 92.2% |
| 13 | Gicumbi | 92.1% |
| 14 | Kirehe | 92.0% |
| 15 | Nyanza | 92.0% |
| 16 | Nyamagabe | 91.7% |
| 17 | Kamonyi | 91.2% |
| 18 | Nyaruguru | 91.0% |
| 19 | Nyamasheke | 90.7% |
| 20 | Rutsiro | 90.4% |
| 21 | Huye | 89.8% |
| 22 | Nyarugenge | 89.2% |
| 23 | Ruhango | 89.1% |
| 24 | Ngoma | 88.4% |
| 25 | Gasabo | 87.7% |
| 26 | Karongi | 86.9% |
| 27 | Nyagatare | 85.8% |
| 28 | Rwamagana | 83.2% |
| 29 | Gatsibo | 82.7% |
| 30 | Kayonza | 80.7% |
| **IMPUZANDENGO** | | **90.1%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


# 3.4. UMUTEKANO



## 3.4.1. Intangiriro

U Rwanda rwiyemeje kubumbatira umutekano nk'ishingiro ry'iterambere rirambye. Muri ubu bushakashatsi abaturage bagaragaje uko babona umutekano rusange w'Igihugu, umutekano w'abantu, umutekano w'ibintu, icyizere bafitiye inzego z'umutekano ndetse n'ibibangamira umutekano w'abantu n'ibintu.

**Ishusho 107: Uko abagabo n'abagore babona umutekano muri rusange**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri uyu mwaka, abaturage bashimye umutekano ku gipimo cya 92.1%, ari nacyo gipimo abagabo n'abagore bawushimyeho. Umutekano kandi, nicyo cyiciro abaturage bashimye kurusha ibindi.




**Ikarita 17:** **Uko abaturage bashima umutekano hakurikijwe uturere**




Umutekano washimwe ku gipimo kiri hejuru ya 85% mu turere twose, aho Akarere ka Muhanga ari ko kaje ku isonga ku gipimo cya 95.7%.

## 3.4.2. Uko abaturage bashima umutekano hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali

**Ishusho 108:** **Uko abaturage bashima umutekano hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

### 3.4.3. Icyizere abaturage bafitiye zimwe mu nzego z'umutekano

Abaturage bagaragaje icyizere bafitiye inzego z'umutekano zikurikira: Ingabo z'u Rwanda, Polisi y'u Rwanda, Urwego rwunganira ubuyobozi bw'akarere mu gucunga umutekano (DASSO).

**Ishusho 109: Icyizere abaturage bafitiye zimwe mu nzego z'umutekano**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri rusange, inzego z'umutekano zashimwe ku gipimo cyo hejuru, aho Ingabo z'u Rwanda arizo zifitiwe icyizere n'abaturage ku gipimo cyo hejuru cya 99.6%. Ku rundi ruhande, abaturage bagaragaje ko bafitiye icyizere irondo ku gipimo 67.6%.




## Imbonerahamwe 26:
## Abaturage bafitiye icyizere zimwe mu nzego z'umutekano hakurikijwe uturere

| AKARERE | INGABO Z'U RWANDA | POLISI Y'U RWANDA | DASSO | Irondo |
|---|---|---|---|---|
| Gasabo | 99.5% | 98.0% | 77.5% | 53.6% |
| Kicukiro | 99.7% | 98.9% | 82.0% | 59.1% |
| Nyarugenge | 100.0% | 97.2% | 72.5% | 53.1% |
| **UMUJYI WA KIGALI** | **99.8%** | **98.0%** | **77.4%** | **55.3%** |
| Gisagara | 99.7% | 99.4% | 89.5% | 76.8% |
| Huye | 99.2% | 98.6% | 89.6% | 70.7% |
| Kamonyi | 100.0% | 99.1% | 87.1% | 60.3% |
| Muhanga | 100.0% | 99.1% | 89.7% | 76.6% |
| Nyamagabe | 99.4% | 98.8% | 90.9% | 80.0% |
| Nyanza | 99.7% | 99.4% | 95.4% | 74.0% |
| Nyaruguru | 99.4% | 98.5% | 92.7% | 74.6% |
| Ruhango | 99.7% | 98.8% | 91.6% | 70.6% |
| **AMAJYEPFO** | **99.6%** | **98.9%** | **90.8%** | **73.0%** |
| Karongi | 99.7% | 97.3% | 87.5% | 64.3% |
| Ngororero | 99.4% | 99.0% | 86.5% | 77.1% |
| Nyabihu | 100.0% | 97.8% | 93.2% | 91.7% |
| Nyamasheke | 99.7% | 99.4% | 92.1% | 73.3% |
| Rubavu | 99.0% | 97.6% | 87.2% | 74.1% |
| Rusizi | 99.7% | 98.0% | 90.3% | 74.9% |
| Rutsiro | 99.7% | 99.0% | 88.2% | 76.4% |
| **IBURENGERAZUBA** | **99.6%** | **98.3%** | **89.3%** | **75.9%** |
| Burera | 99.7% | 97.4% | 92.9% | 79.5% |
| Gakenke | 100.0% | 99.4% | 87.2% | 72.9% |
| Gicumbi | 100.0% | 99.7% | 87.5% | 65.5% |
| Musanze | 99.7% | 99.2% | 86.4% | 77.2% |
| Rulindo | 99.7% | 99.0% | 87.8% | 77.2% |
| **AMAJYARUGURU** | **99.8%** | **99.0%** | **88.4%** | **74.5%** |
| Bugesera | 99.8% | 98.8% | 87.8% | 54.8% |
| Gatsibo | 99.8% | 95.3% | 83.2% | 64.5% |
| Kayonza | 100.0% | 98.2% | 84.1% | 59.1% |
| Kirehe | 100.0% | 99.1% | 86.5% | 63.7% |
| Ngoma | 99.1% | 96.3% | 88.9% | 62.8% |
| Nyagatare | 98.9% | 96.2% | 82.6% | 58.4% |
| Rwamagana | 99.7% | 97.9% | 75.3% | 38.3% |
| **IBURASIRAZUBA** | **99.6%** | **97.4%** | **84.0%** | **57.4%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## 3.4.4. Uko abaturage babona umutekano rusange w'Igihugu, umutekano w'abantu n'ibintu

**Ishusho 110: Uko abaturage babona umutekano rusange w'Igihugu n'umutekano w'abantu n'ibintu**





Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Abaturage bagaragaje ko bishimiye umutekano rusange w'Igihugu ku kipimo cyo hejuru cya 97.5% mu gihe umutekano w'ibintu bawushimye ku gipimo cyo hasi cya 76.8%.

## 3.4.5. Ibibangamira umutekano w'abantu n'ibintu

**Ishusho 111: Ibibangamira umutekano w'abantu n'ibintu**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri rusange, ubujura ni bwo bukomeje kuba imbere mu kubangamira umutekano w'abantu n'ibintu. Ibindi bibangamiye umutekano cyane ni: gukubita no gukometsa, ubutekamutwe bukoresheje ikoranabuhanga ndetse n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge.

## 3.4.6. IBYIFUZONAMA

- Kongera imbaraga mu bufatanye bw'abaturage n'inzego z'umutekano mu bikorwa byo kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu;
- Kunoza imikorere y'irondo kugira ngo rirusheho gutanga umusaruro;
- Gukangurira abantu kwirinda ubutekamutwe bukoresheje ikoranabuhanga.

**Imbonerahamwe 27:**
**Uko uturere duhagaze mu mutekano**

| Nº | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Muhanga | 95.7% |
| 2 | Burera | 95.7% |
| 3 | Gakenke | 95.4% |
| 4 | Rusizi | 95.2% |
| 5 | Rubavu | 95.2% |
| 6 | Nyamasheke | 95.1% |
| 7 | Nyabihu | 94.7% |
| 8 | Nyamagabe | 94.6% |
| 9 | Nyanza | 94.5% |
| 10 | Rulindo | 94.1% |
| 11 | Ngororero | 93.9% |
| 12 | Kicukiro | 93.9% |
| 13 | Nyaruguru | 93.9% |
| 14 | Musanze | 93.8% |
| 15 | Kamonyi | 93.6% |
| 16 | Rutsiro | 93.3% |
| 17 | Gicumbi | 92.3% |
| 18 | Gisagara | 92.3% |
| 19 | Ruhango | 91.9% |
| 20 | Nyarugenge | 91.1% |
| 21 | Gasabo | 91.0% |
| 22 | Bugesera | 91.0% |
| 23 | Karongi | 90.9% |
| 24 | Huye | 89.6% |
| 25 | Kirehe | 89.3% |
| 26 | Ngoma | 89.1% |
| 27 | Gatsibo | 88.9% |
| 28 | Rwamagana | 87.5% |
| 29 | Kayonza | 86.0% |
| 30 | Nyagatare | 85.9% |
| **IMPUZANDENGO** | | **92.1%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025


# 3.5. URUHARE RW'ABATURAGE MU BIBAKORERWA



## 3.5.1. Intangiriro

Guteza imbere uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa ni ihame ry'imiyoborere u Rwanda rwahisemo. Muri ubu bushakashatsi, abaturage bagaragaje uko babona uruhare rwabo muri gahunda zitandukanye zirimo umuganda; ubukorerabushake; kwitorera abayobozi; kwicungira umutekano; kubungabunga ibidukikije; umugoroba w'umuryango; inteko z'abaturage; gukemura ibibazo by'abaturage; kubaza abayobozi kugabaragariza ibibakorerwa; gutanga ibitekerezo n'ibyifuzo ku igenamigambi ry'ibikorwa n'imihigo by'akarere; guhitamo abagenerwabikorwa n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta ziteza imbere imibereho myiza y'abaturage.


**Ishusho 112: Uko abagabo n'abagore babona uruhare rwabo mu bibakorerwa muri rusange**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Abaturage bashimye uruhare rwabo mu bibakorerwa ku gipimo cya 88.2%, aho abagabo barushimye ku gipimo cya 88.3% naho abagore bakarushima ku gipimo cya 88.2%.


**Ikarita 18: Uko abaturage bashima uruhare rwabo mu bibakorerwa hakurikijwe uturere**




Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko mu turere twose, abaturage bashimye uruhare rwabo mu bibakorerwa ku bipimo biri hejuru ya 80%.

## 3.5.2. Uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali.


**Ishusho 113: Uko abaturage bashima uruhare rwabo mu bibakorerwa hakurikijwe Intara n'Umujyi wa Kigali**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## 3.5.3. Uruhare rw'abaturage muri gahunda zitandukanye

**Ishusho 114: Uko abaturage babona uruhare rwabo muri gahunda zitandukanye**




Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

Muri rusange abaturage bashimye uruhare rwabo muri gahunda zitandukanye ku gipimo cyo hejuru, aho kwitabira umuganda ari byo abaturage bagiramo uruhare runini kuruta ahandi. Ku rundi ruhande, guhitamo abagenerwabikorwa ba gahunda ziteza imbere imibereho myiza y'abaturage batishoboye ni byo byaje ku gipimo cyo hasi cya 72.6%.

**Imbonerahamwe 28:**
**Uko abaturage babona uruhare rwabo mu kwitabira umugoroba w'imiryango hakurikijwe uturere**

| Nº | AKARERE | RURAHARI | NTARUHARI |
|---|---|---|---|
| 1 | Rutsiro | 93.6% | 3.8% |
| 2 | Rubavu | 93.5% | 5.0% |
| 3 | Burera | 92.9% | 6.4% |
| 4 | Ngororero | 91.3% | 7.7% |
| 5 | Musanze | 90.5% | 8.9% |
| 6 | Nyabihu | 90.4% | 9.0% |
| 7 | Rulindo | 89.4% | 9.9% |
| 8 | Muhanga | 89.4% | 6.2% |
| 9 | Rusizi | 86.0% | 9.4% |
| 10 | Gisagara | 84.8% | 6.0% |
| 11 | Kirehe | 84.4% | 13.8% |
| 12 | Gakenke | 84.2% | 15.8% |
| 13 | Gicumbi | 81.5% | 17.7% |
| 14 | Nyamagabe | 81.3% | 13.1% |
| 15 | Ngoma | 81.2% | 16.3% |
| 16 | Nyaruguru | 78.9% | 18.1% |
| 17 | Nyamasheke | 76.3% | 22.5% |
| 18 | Kamonyi | 75.6% | 23.5% |
| 19 | Gasabo | 74.8% | 19.0% |
| 20 | Gatsibo | 71.8% | 23.0% |
| 21 | Nyarugenge | 70.0% | 20.3% |
| 22 | Nyanza | 69.7% | 16.1% |
| 23 | Kicukiro | 69.6% | 22.7% |
| 24 | Bugesera | 69.2% | 29.8% |
| 25 | Karongi | 68.9% | 30.2% |
| 26 | Huye | 65.4% | 26.8% |
| 27 | Nyagatare | 65.1% | 30.0% |
| 28 | Ruhango | 62.5% | 25.0% |
| 29 | Rwamagana | 55.9% | 37.8% |
| 30 | Kayonza | 54.7% | 39.4% |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

## 3.5.4. IBYIFUZONAMA

- Gukomeza gushishikariza abaturage kurushaho kugira uruhare muri gahunda zigamije kubateza imbere;
- Gukurikirana no kugenzura uko umugoroba w'imiryango witabirwa.

**Imbonerahamwe 29:**
**Uko uturere duhagaze mu ruhare rw'abaturage mu bibakorerwa**

| Nº | AKARERE | CRC 2025 |
|---|---|---|
| 1 | Musanze | 94.5% |
| 2 | Gakenke | 93.5% |
| 3 | Muhanga | 93.4% |
| 4 | Gisagara | 92.9% |
| 5 | Nyabihu | 92.5% |
| 6 | Burera | 92.4% |
| 7 | Rulindo | 92.1% |
| 8 | Ngoma | 91.8% |
| 9 | Ngororero | 91.8% |
| 10 | Nyamagabe | 91.5% |
| 11 | Nyanza | 91.3% |
| 12 | Nyaruguru | 90.8% |
| 13 | Gicumbi | 90.6% |
| 14 | Kirehe | 90.3% |
| 15 | Rubavu | 90.0% |
| 16 | Bugesera | 89.4% |
| 17 | Rusizi | 88.3% |
| 18 | Rutsiro | 87.3% |
| 19 | Nyagatare | 87.3% |
| 20 | Huye | 86.9% |
| 21 | Ruhango | 86.7% |
| 22 | Gatsibo | 86.0% |
| 23 | Kamonyi | 85.8% |
| 24 | Nyarugenge | 85.4% |
| 25 | Nyamasheke | 84.8% |
| 26 | Kicukiro | 82.7% |
| 27 | Kayonza | 82.0% |
| 28 | Karongi | 82.0% |
| 29 | Rwamagana | 82.0% |
| 30 | Gasabo | 80.9% |
| **IMPUZANDENGO** | | **88.2%** |

Aho byavuye: Ubushakashatsi bwa RGB, 2025

# 4. Umwanzuro

Iyi CRC 2025 yerekanye uburyo abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye binyuze mu byiciro cumi na bitandatu (16) bikubiye mu nkingi eshatu (3) ari zo: ubukungu, imibereho myiza y'abaturage n'imiyoborere.

Muri ubu bushakashatsi, Umutekano ni cyo cyiciro gikomeje kuza ku isonga mu byo abaturage bashima kurusha ibindi. Ku rundi ruhande, Ubutaka, imiturire n'ibidukikije ni cyo cyiciro cyashimwe ku gipimo cyo hasi. Ubu bushakashatsi kandi bwagaragaje inzitizi zibangamira imiyoborere myiza n'imitangire ya serivisi mu nzego zegereye abaturage.

Hashingiwe ku nzitizi zagaragajwe kuri buri cyiciro, iyi raporo itanga ibyifuzonama byihariye byafasha mu kunoza imiyoborere n'imitangire ya serivisi.

## Imbonerahamwe 30:
## Ibyifuzonama rusange kuri CRC 2025

| ICYICIRO | IBYIFUZONAMA | INZEGO ZISABWA KUBISHYIRA MU BIKORWA |
|---|---|---|
| UBUHINZI | ► Guteza imbere ubuhinzi buhangana n'imihindagurikire y'ikirere;<br>► Gukomeza gushyira imbaraga mu gukumira no kurwanya indwara z'ibihingwa hibandwa ku bushakashatsi mu buhinzi;<br>► Kongera ishoramari mu buhinzi bugamije ubucuruzi. | MINAGRI, RAB, NAEB, MoE, REMA, MINICOM, RCA, BRD, PSF, BDF, MINALOC, RDB |
| UBWOROZI | ► Kongerera aborozi ubumenyi bwo kwita ku matungo, gukumira no kurwanya indwara zayo;<br>► Gukangurira abashoramari gushora imari mu bikorwa biteza imbere ubworozi kugira ngo bukorwe mu buryo bw'ubucuruzi. | MINAGRI, RAB, PSF, RCA, MINALOC, MINICOM, RDB |
| IKORANABUHANGA N'ITUMANAHO | ► Kongerera ubumenyi abaturage mu bijyanye n'ikoranabuhanga kugirango gahunda ya "Byikorere" ishoboke;<br>► Kongera ubushobozi bwa interineti (internet) na rezo (network) ya telefoni. | MINICT, RURA, RISA, PSF, MINALOC |
| UBUTAKA, IMITURI-RE N'IBIDUKIKIJE | ► Kwihutisha ishyirwaho ry'ibishushanyo byihariye by'imikoreshereze y'ubutaka (Physical plans) no kubimenyekanisha;<br>► Kunoza igenamigambi n'iyubakwa ry'ibikorwaremezo by'ahagenewe guturwa;<br>► Gushyira imbaraga mu gushaka ibicanwa bitangiza ibidukikije kandi bihendukiye abaturage. | MININFRA, MoE, REMA, NLA, RHA, PSF, MINALOC, MINECOFIN |
| UBUREZI | ► Guhangana n'ikibazo cy'abana bata ishuri hibandwa mu gukemura ibibazo byugarije imiryango cyane cyane itishoboye;<br>► Kugabanya ubucucike bw'abana mu mashuri bituma ireme ry'uburezi ritera imbere. | MINEDUC, REB, MINALOC, MIGEPROF, Imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere. |
| UBUZIMA | ► Gushyiraho ingamba zihamye zo kukemura ibibazo bibangamiye imitangire ya serivisi z'ubuvuzi;<br>► Kongera no kunoza imicungire y' ibikorwaremezo n'ibikoresho by'amavuriro. | MINISANTE, RBC, RSSB, MINALOC, Imiryango itari iya leta n'ishingiye ku myemerere. |
| UBUTABERA | ► Kongera imbaraga mu kurangiza imanza ku gihe;<br>► Gukaza ingamba zo kurwanya ruswa n'akarengane; | MINIJUST, Urwego rw'Ubucamanza, Urwego rw'Umuvunyi, RIB, RNP, NPPA, MINALOC |
| IYUBAHIRIZWA RY'AMAHAME Y'IMIYOBORERE N'ICYIZERE KU NZEGO Z'UBUYOBOZI | ► Gushyira imbaraga mu bikorwa byimakaza ihame ry'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore mu byiciro byose. | MIGEPROF, GMO, MINALOC, Imiryango itari iya Leta n'ishingiye ku myemerere |
| UMUTEKANO | ► Kongera imbaraga mu bufatanye bw'abaturage n'inzego z'umutekano mu bikorwa byo kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu. | MININTER, MINALOC , RNP, RIB, NCSA |

## Imbonerahamwe 31:
## Uko abaturage bashima imiyoborere n’imitangire ya serivisi zakozweho ubushakashatsi mu turere

| | UBUKUNGU | | | | | | IMIBEREHO MYIZA | | | | | IMIYOBORERE N’UBUTABERA | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| AKARERE | UBUHINZI | UBWOROZI | IBIKORWA REMEZO | IKORANABUHANGA N’ITUMANAHO | UBUTAKA N’IMITURIRE | URWEGO RW’ABIKORERA | UBUREZI | UBUZIMA | ISUKU | GAHUNDA ZO KUZAMURA IMIBEREHO NO KWITA KU BATISHOBOYE | IMIBEREHO Y’UMURYANGO NYARWANDA | INZEGO Z’IBANZE | UBUTABERA | IYUBAHIRIZWA RY’AMAHAME IMIYOBORERE | UMUTEKANO | URUHARE RW’ABATURAGE MU BIBAKORERWA | IMPUZANDENGO |
| Gasabo | 72.0% | 78.7% | 72.9% | 75.2% | 59.6% | 74.5% | 81.4% | 61.1% | 80.3% | 59.0% | 74.1% | 71.3% | 71.5% | 87.7% | 91.0% | 80.9% | **74.5%** |
| Kicukiro | 59.6% | 71.4% | 82.5% | 80.4% | 69.0% | 81.6% | 87.5% | 72.6% | 88.4% | 64.4% | 85.3% | 78.5% | 82.4% | 93.0% | 93.9% | 82.7% | **79.6%** |
| Nyarugenge | 60.1% | 72.9% | 81.5% | 80.9% | 66.2% | 80.9% | 84.2% | 70.7% | 85.4% | 59.9% | 79.9% | 75.2% | 78.4% | 89.2% | 91.1% | 85.4% | **77.6%** |
| Gisagara | 79.4% | 80.2% | 66.8% | 74.9% | 73.5% | 75.7% | 83.9% | 80.9% | 78.6% | 73.6% | 78.0% | 81.5% | 86.4% | 92.7% | 92.3% | 92.9% | **80.7%** |
| Huye | 75.4% | 76.1% | 65.6% | 73.7% | 68.8% | 70.9% | 80.1% | 74.1% | 75.1% | 61.6% | 75.2% | 75.8% | 81.9% | 89.8% | 89.6% | 86.9% | **76.3%** |
| Kamonyi | 81.4% | 82.5% | 74.2% | 76.7% | 67.4% | 79.7% | 80.9% | 72.0% | 79.7% | 68.5% | 75.8% | 77.6% | 82.6% | 91.2% | 93.6% | 85.8% | **79.4%** |
| Muhanga | 80.5% | 78.5% | 66.1% | 77.4% | 69.8% | 71.9% | 81.5% | 77.1% | 76.5% | 77.4% | 78.6% | 82.2% | 88.4% | 95.2% | 95.7% | 93.4% | **80.6%** |
| Nyamagabe | 71.1% | 73.4% | 55.2% | 69.2% | 65.1% | 70.2% | 74.3% | 71.1% | 71.9% | 72.6% | 75.1% | 78.5% | 79.8% | 91.7% | 94.6% | 91.5% | **75.3%** |
| Nyanza | 76.1% | 80.2% | 70.2% | 77.5% | 69.0% | 75.9% | 81.8% | 72.7% | 83.4% | 76.7% | 78.9% | 79.0% | 85.5% | 92.0% | 94.5% | 91.3% | **80.3%** |
| Nyaruguru | 77.7% | 75.2% | 62.2% | 72.5% | 69.5% | 73.0% | 84.2% | 81.4% | 79.3% | 69.4% | 79.3% | 80.0% | 83.7% | 91.0% | 93.9% | 90.8% | **78.9%** |
| Ruhango | 71.2% | 75.0% | 61.7% | 75.0% | 63.4% | 71.9% | 77.0% | 72.1% | 73.8% | 66.1% | 79.0% | 77.4% | 82.6% | 89.1% | 91.9% | 86.7% | **75.9%** |
| Karongi | 64.7% | 68.7% | 56.8% | 70.3% | 60.7% | 68.6% | 75.3% | 68.3% | 69.5% | 61.4% | 68.7% | 69.0% | 78.7% | 86.9% | 90.9% | 82.0% | **71.3%** |
| Ngororero | 75.5% | 72.8% | 57.6% | 71.5% | 69.8% | 66.3% | 73.2% | 77.0% | 71.3% | 73.9% | 68.9% | 77.9% | 85.7% | 92.6% | 93.9% | 91.8% | **76.2%** |
| Nyabihu | 70.2% | 79.5% | 60.6% | 76.0% | 67.9% | 73.2% | 80.9% | 81.1% | 75.1% | 75.6% | 79.7% | 83.4% | 85.4% | 92.7% | 94.7% | 92.5% | **79.3%** |
| Nyamasheke | 65.4% | 78.1% | 59.7% | 69.9% | 67.0% | 74.0% | 82.8% | 68.5% | 75.7% | 66.8% | 75.2% | 73.1% | 82.4% | 90.7% | 95.1% | 84.8% | **75.6%** |
| Rubavu | 68.5% | 74.2% | 71.9% | 74.3% | 64.3% | 73.6% | 82.6% | 69.6% | 74.8% | 73.9% | 76.7% | 76.1% | 78.9% | 92.4% | 95.2% | 90.0% | **77.3%** |
| Rusizi | 63.4% | 74.3% | 61.3% | 64.9% | 65.6% | 68.8% | 77.9% | 67.5% | 72.3% | 63.4% | 78.6% | 70.7% | 76.7% | 92.4% | 95.2% | 88.3% | **73.8%** |
| Rutsiro | 66.3% | 71.8% | 55.7% | 70.4% | 59.0% | 65.9% | 76.5% | 69.5% | 68.7% | 67.5% | 72.2% | 73.2% | 74.0% | 90.4% | 93.3% | 87.3% | **72.6%** |
| Burera | 76.2% | 84.7% | 71.9% | 77.4% | 70.2% | 79.8% | 84.4% | 81.5% | 78.2% | 77.9% | 81.4% | 83.8% | 85.4% | 92.2% | 95.7% | 92.4% | **82.1%** |
| Gakenke | 74.9% | 81.5% | 69.2% | 75.5% | 72.8% | 73.3% | 82.7% | 83.8% | 79.7% | 82.0% | 80.2% | 87.7% | 86.9% | 94.6% | 95.4% | 93.5% | **82.1%** |
| Gicumbi | 67.9% | 77.1% | 68.7% | 74.0% | 67.5% | 74.4% | 81.4% | 73.6% | 73.3% | 76.5% | 77.1% | 80.0% | 86.9% | 92.1% | 92.3% | 90.6% | **78.3%** |
| Musanze | 68.2% | 79.5% | 56.8% | 71.5% | 70.2% | 75.6% | 79.6% | 73.4% | 75.6% | 74.6% | 75.1% | 79.4% | 85.3% | 92.3% | 93.8% | 94.5% | **77.8%** |
| Rulindo | 79.2% | 82.3% | 64.9% | 71.8% | 68.9% | 74.5% | 83.9% | 81.1% | 78.4% | 80.2% | 81.0% | 83.4% | 85.3% | 93.2% | 94.1% | 92.1% | **80.9%** |
| Bugesera | 69.2% | 70.6% | 69.8% | 71.2% | 64.2% | 76.7% | 81.9% | 66.5% | 78.2% | 73.9% | 76.5% | 78.3% | 85.3% | 92.8% | 91.0% | 89.4% | **77.2%** |
| Gatsibo | 67.6% | 76.1% | 61.7% | 71.3% | 54.3% | 69.5% | 70.9% | 66.1% | 63.2% | 64.7% | 61.7% | 69.1% | 72.7% | 82.7% | 88.9% | 86.0% | **70.4%** |
| Kayonza | 59.6% | 67.0% | 60.7% | 67.3% | 54.6% | 62.6% | 66.8% | 64.0% | 62.3% | 63.2% | 59.3% | 64.6% | 75.7% | 80.7% | 86.0% | 82.0% | **67.3%** |
| Kirehe | 65.0% | 75.7% | 69.0% | 69.0% | 66.4% | 75.2% | 74.3% | 73.8% | 81.3% | 69.1% | 72.8% | 78.6% | 82.6% | 92.0% | 89.3% | 90.3% | **76.5%** |
| Ngoma | 68.4% | 76.7% | 73.7% | 70.9% | 67.7% | 74.8% | 79.2% | 72.8% | 81.7% | 74.0% | 69.4% | 79.8% | 82.0% | 88.4% | 89.1% | 91.8% | **77.5%** |
| Nyagatare | 61.5% | 71.6% | 65.5% | 74.4% | 67.4% | 73.4% | 76.7% | 74.4% | 74.1% | 66.7% | 69.0% | 77.7% | 80.4% | 85.8% | 85.9% | 87.3% | **74.5%** |
| Rwamagana | 69.8% | 73.9% | 65.5% | 70.0% | 61.1% | 68.1% | 75.5% | 70.0% | 76.3% | 55.8% | 64.8% | 71.3% | 78.5% | 83.2% | 87.5% | 82.0% | **72.1%** |
| **Impuzandengo** | **70.6%** | **76.5%** | **66.4%** | **73.4%** | **65.7%** | **73.3%** | **79.4%** | **72.4%** | **76.1%** | **69.6%** | **74.7%** | **77.1%** | **81.3%** | **90.1%** | **92.1%** | **88.2%** | **76.7%** |

www.rgb.rw | info@rgb.rw | @GovernanceRw | Rwanda Governance Board - RGB

RGB Rwanda | P.O. Box 6819 Kigali

**© Rwanda Governance Board**

Kamena 2025



RGB

Rwanda Governance Board

# URWEGO RW'IGIHUGU RW'IMIYOBORERE

Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB) rushyirwaho n'itegeko No 56/2016 ryo ku wa 16/12/2016 riruha ubwigenge n'ububasha mu kurangiza inshingano zarwo nk'umusemburo w'imiyoborere myiza n'imitangire ya serivisi.

Zimwe mu nshingano za RGB, ni ugukora ubushakashatsi ku miyoborere, gusuzuma uko abaturage babona imitangire ya serivisi, kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi, guteza imbere amahame y'imiyoborere myiza, demokarasi, imikorere n'imitangire ya serivisi binoze no kugira inama Guverinoma n'izindi nzego bireba mu bijyanye n'izi nshingano.

Ni muri urwo rwego buri mwaka RGB ikora ubushakatsi ku ishusho y'uko abaturage babona imiyoborere n'imitangire ya serivisi mu nzego zibegereye mu byiciro 16 bikubiye mu nkingi eshatu za Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka Irindwi ari zo: Ubukungu, Imibereho myiza y'abaturage n'Imiyoborere.

**Inkingi y'ubukungu** igizwe n'ubuhinzi, ubworozi, ibikorwaremezo, ikoranabuhanga n'itumanaho, ubutaka n'imiturire ndetse na serivisi z'abikorera.

**Inkingi y'imibereho myiza y'abaturage** igizwe n'uburezi, ubuzima, isuku, gahunda zo kuzamura imibereho no kwita ku batishoboye n' imibereho y'Umuryango Nyarwanda.

**Inkingi y'imiyoborere** irimo serivisi zitangwa n'inzego z'ibanze, ubutabera, iyubahirizwa ry'amahame y'imiyoborere n'icyizere cy'abaturage ku nzego z'ubuyobozi, umutekano ndetse n'uruhare rw'abaturage mu bibakorerwa.

www.rgb.rw | info@rgb.rw | @GovernanceRw | Rwanda Governance Board - RGB | RGB Rwanda | P.O. Box 6819 Kigali

ISSN 2307-2431